UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Igika cya mbere

Intambwe z'ibanze z'ubugingo bw'Umukristo

Ukeneye ibindi bisobanuro watwandikira kuri
e-mail : mprcam@comcast.net
www.NewLifeDiscipleship.com

Ushobora no kuvana copi y'iki gitabo ku buntu kuri uyu murongo:
www.NewLifeDiscipleship.com
Kiboneke mu ndimi zikurikira: Icyongereza, icyesipanyoro, igifaransa, ikiyukrenia, ikirusiya, igiswahili, ikinyarwanda n'ikimarigashe.
Kiri hafi kuboneka mu kirumaniya. Inyandiko ziri muri PDF, ukeneye Adobe Acrobat kugirango ushobore kuzisoma. Ushobora gusaba Acrobat Reader kuri http://www.adobe.com

Inyandiko ya mbere mu kinyarwanda 2005.Yemewe muri 1993
© Mark Robinson
Ushobora gukora kopi nyishi z'iki gitabo, ariko ukagaragaza aho inyandiko yaturutse, kandi ntuhindure inyandiko y'umwimerere.

8625 la Prada Dr., Dallas, TX 75228 USA

IBIRIMO

Imfashanyigisho y'Umwigisha …….. 4

Intangiriro ku bugingo bwa Gikristo …….. 5

Intambwe ya 1 Warakijijwe !..... …….. 6

Intambwe ya 2 Urarinzwe! ……. 8

Intambwe ya 3 Waranesheje!..... 10

Intambwe ya 4 Umwami wa Byose …… 12

Intambwe ya 5 Kuba mu mwuka …….. ……. 14

Intambwe ya 6 Imana Ivugana nanjye …….. 16

Intambwe ya 7 Kuvugana n'Imana…….. 18

Intambwe ya 8 Guhura n'Imana buri munsi…….. 20

Intambwe ya 9 Itorero ryanjye……. 23

Intambwe ya 10 Kwamamaza Kristo!……. 25

Intambwe ya 11 Umubatizo n'Ifunguro Ryera ……. 27

Intambwe ya 12 Umuryango ……... 29

Intambwe ya 13 Gukurikira Yesu……. 31

Umugereka…… 33-38

IMFASHANYIGISHO Y'UMWIGISHA

.

1. Turagushimira kwakira inshingano yo kwigisha umwizera mushya hakoreshejwe " Ubuzima Bushya muri Kristo" nk'imfashanyigisho yawe. Ibyavuye muri iyi nyigisho bishobora kubyara imbuto ihoraho.

2. Reka Bibiliya buri munsi ibe umuyobozi wawe mu gusubiza ibibazo. Umunyeshuri agomba kureba mu byanditswe we ubwe noneho akagerageza gusubiza ibibazo akurikije uko Bibiliya ivuga.

   Bamwe mu bizera bashya bakenera gufashwa rimwe na rimwe mu kureba ibyanditswe muri Bibiliya.

3. Iyi mfashanyigisho ikoreshwa mu buryo butandukanye . hariho ko, uzajya wiga isomo rimwe mu cyumweru, ushishikariza umwigishwa gukora ibigenewe byose kuri buri somo.

4. Uzirinde ko igika kimara igihe kirekire

5. Shishikariza umwigishwa gusubiza ibibazo akoresheje amagambo ye. Rinda umunyeshuri kwandukura Bibiliya ijambo ku ijambo. Bizamufasha kumva neza ubusobaanuro bw'ibyo yigishwa.

6. Irinde kubwiriza. Koresha ibibazo biguhishurira ibyo umunyeshuri yumvise no kugaragaza uruhare rwe.

7. Tegura neza kuri buri gika. Nk'Umwigisha , ugomba kwimenyereza ibikubiye mu masomo n'icyo bigamije.

   Kwitegura kwawe ku gomba kubamo gusengera umunyeshuri n'umutima wawe kugirango bibe biteguwe kubw'iryo somo

8. Gerageza gutuma umunyeshuri atekereza icyo ibyo yiga bimariye ubugingo bwe. Mufashe kubyumva neza.

   Imyitozo iri mu kazitiro iruhande rwa buri somo nicyo yagenewe. Yikoreshe.

9. Fasha umunyeshuri kugira akamenyero ko gusenga. Mwigishe gusenga igihe usengana na we.

10. Ni ngombwa gusobanukirwa ko guhindura umwigishwa bidakorwa no kurangiza aya masomo cumi n'atatu y'Ubugingo Bushya gusa. Ahubwo ni umurimo ugomba gutuma ubugingo bw'umwigishwa buhinduka. Iki gitabo n'icyo kugufasha gusa. Ariko uwo wigishwa akeneye n'ibindi bimufasha guhindura imyifatire ye n'ibitekerezo n'ingeso.

11. Ni ngombwa cyane ko umunyeshuri yiga akamenyero ko gusoma Ibyanditswe Byera, gusenga buri munsi, no gufata mu mutwe imirongo yo muri Bibiliya.

    Mbere ya buri somo fata igihe cyo kwibukiranya imirongo yafashe mu mutwe Umubaze uko Gusoma Bibiliya kwe kwa buri munsi kuri kugenda.

12. Uhe agaciro ibyo Imana iri gukora mu bugingo bw'umwigishwa. Fata igihe kuri buri gika, cyo gusubiza ibibazo ashobora kugira, cyangwa kumufasha ku bibazo ashobora kugira mu buzima bwe bwihariye.

    Witekereza ko hari umwanya, mu gihe bidashoboka gufata buri kibazo mu isomo, kuko nta gihe. Muri icyo gihe, hitamo ibibazo birusha ibindi kuba ngombwa mu biganireho.

WAKIRIWE MU MURYANGO W'IMANA

Mu gihe wizeye Kristo, watangiye ubuzima bushya, urugendo rukomeye
hamwe na Kristo. Akamaro k'iki gitabo ni ukugira ngo wimenyereze icyo Bibiliya ivuga
ku mibereho ya Gikristo.Gukura muri Kristo ni urugendo,intambwe ku yindi.
Buri munsi dukenera kurya no kugendana na Kristo.
Hamwe no kuzirikana umubano mushya tugiranye nawe, tuzatera imbere
Tugana ku rugero rushyitse.

Incamake ku buryo bwo Kugendana na Kristo

1. Soma Bibiliya buri munsi kugirango umenye Kristo birushijeho.
2. Vugana n'Imana buri munsi mu buryo bwo Gusenga.
3. Emerera Imana kugenzura ubuzima bwawe, Ikuyobore mu bushake bwayo.
4. Ganira n'abandi ibya Kristo
5. Shaka aho uterana n'abandi bizera mu Itorero Kristo abwirizwamo.
6. Reba umwe cyangwa babiri mu bizera abo ushobora gusengera no kubwira kenshi aho watsinze n'aho wagize intege nke.
7. Garagaza ubuzima bwawe bushya mu rukundo no kwita ku bandi.

Ubugingo bugengwa na Kristo

Ubuzima bw'umukristo buhagararirwa n'iki kimenyetso cy'umusaraba.

Umurongo uhagaze ugaragaza uburyo duhuzwa n'Imana n'Ijambo ry'Imana(Bibiliya) no Gusenga.

Umurongo utambitse ugaragaza ihuriro ryacu n'abandi. Dushaka umubano n'abizera bo mu Itorero. Kubatizera tugomba kubabwira Kristo.





Intambwe ya 1
Warakijijwe!

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya(O)
____ Gukizwa, ni ukwizera gusa ko Imana iriho
_____ Icyaha cyazaniye Umuntu gutandukanywa n'Imana
_____ Nakijijwe kubwo kujya mu rusengero no gukora imirimo myiza.

UBUZIMA BWA KERA

1. Dukurikije Abefeso 2:1, Twariho gute mbere yuko Kristo aduha ubugingo buhoraho? _____
   _____
2. Soma Abaroma 3:23. birasobanura ko buri wese yacumuye?
   Yego☐ Oya ☐
   Niba ariko biri, twariho gute mbere yuko Kristo adukiza?
3. Bibiliya ivuga ko ducirwaho iteka kubera iki?(Yohana3:18)
   _____

UMURIMO W'IMANA

4. Abefeso 2:4-5, ni gute Imana yigaragaza?_____
   _____
5. Dukurikije iyo mirongo, niki Imana yakoze ku bwacu ?_____
   _____
6. Reba Abaroma 5:8. Ni gute Imana yatugaragaje urukundo rwayo?
   _____
7. Soma Abefeso 2:8-9. Imana ntiyashatse ko dukizwa n'imirimo (v.9). Ni ibihe bikorwa byiza abantu bakora bikaba bihagije ngo bakizwe?
   _____
8. Twakijijwe ku_____mu_____ (v.8)
   Ubuntu bivuga " impano udakwiriye" mu yandi magambo Imana Yaduhaye agakiza ku buntu, nubwo tutari tubikwiriye.
9. Muri we tugomba kugira Ukwizera kugirango tube Abana b'Imana? (Abagalatiya 3 :26)_____

IGIHE CYO KWIYEMEZA

Niba waramaze kwakira Yesu nk'Umukiza wawe, andika munsi itariki byabereyeho niba uyizi.

_____

Niba utaramwakira , urashaka Kumwakira?
Yego ☐ Oya ☐

Niba umwakiriye uyu munsi, andika munsi itariki.

Tekereza kuri ibi

Tekereza murugo i wawe, kuri buri wese, kuri buri kintu wakundaga. Ni gute ibyaha byawe byabagizeho ingaruka ?

Tekereza ku gihe cyawe kizaza. Iyo ukomeza ubuzima bwa kera wagombaga kuzahagarara imbere y'Imana mu Rubanza. soma Ibyahishuwe 20:11-15 ubitekerezeho, ushimire Imana kubw'urukundo rwayo rwinshi.

Ubu kuko uri muri Kristo uri icyaremwe gishya ibikorwa byawe byarahindutse. Andika bimwe mubyo wahindutseho mu cyumweru gishize

_____
_____
_____

KUGWIZA IMBARAGA

Ni ngombwa kugira imyitozo izagufasha gukura mu mibereho yawe mishya.

Nkuko hariho imyitozo itera Umubiri gukomera, hari Gahunda z'Umwuka zagufasha Kwaguka muri Kristo.



Izo gahunda zikubiye:

- Mu nyigisho ya Bibiliya
- Gusenga
- Gufata imirongo ya Bibiliya mu mutwe.

Icyiyongeraho mu kuzuza aya masomo, **ni ngombwa gusoma igice cya Bibiliya no Gusenga Imana buri munsi.**

Iki cyumweru soma igice cya 1-7 mu gitabo cya Yohana, igice buri munsi.

Senga Imana mbere yuko usoma, tunganyiriza umutima wawe kwakira icyo Imana igiye kukubwira mu Ijambo ryayo.

Nyuma yo gusoma buri gice, senga na none, vugana n'Imana ku byo umaze gusoma.

Hamwe no gufashwa n'Imana, nzajya nsoma igice ku munsi muri Bibiliya yanjye.

_____Date.

Fata mu mutwe. Abefeso 2:8-9

" **Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira."**

Mu mugereka wa 1 uzabona ikarita igufasha gufata mu mutwe imirongo muri aya masomo.

10. Vuga mu magambo yawe igisobanuro cyo Kwizera Yesu.___
_____

UBUZIMA BUSHYA

11. Ni uwuhe mugambi wazanye Yesu? Yohana 10:10
_____

12. Niki Imana izagororera umuntu wemeye Kristo? Yohana 1:12
_____

13. Dukurikije Yohana 5:24, niki kibaho iyo umuntu yemeye Kristo? _____

14. Niki Imana yaturemeye, dukurikije Abefeso 2:10?
_____

Ntabwo twakijijwe n'Imirimo ahubwo twakirijwe gukora imirimo myiza.

15. Soma 2 Abakorinto 5:17. Kuba "muri Kristo" bivuga Kuba waramwemeye nk'Umukiza wawe. Noneho iyo umuntu ari muri Kristo ahinduka iki?_____
_____

16. Sobanura mu magambo yawe, " Ibya kera byarashize, haza Ibishya."_____
_____
_____

MURI MAKE

Mu magambo yawe, vuga muri make ibyo tumaze kwiga .

1. Ubugingo bwawe bwari bumeze bute budafite Kristo?_____
_____
_____

2. Ni iki Kristo yagukoreye?_____
_____
_____

3. Ni gute ushobora kwerekana mu buzima bwawe bwa buri munsi Ubugingo bushya Imana yaguhaye?_____
_____
_____



Intambwe ya 2
Urarinzwe!

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)
____Aka kanya nshobora kumenya ko nakijijwe.
____Imana ishaka ko nkora icyaha ngo inyereke urukundo rwayo
____Nkoze icyaha ngapfa ntacyihannye, nakomeza ngakizwa.

IMANA IRANDINDA

1. Soma Abaroma 8:38-39. Niba twaramaze kwakira Kristo, hari aho dushobora gutandukanywa n'urukundo rw'Imana?_____

Soma Yohana 10:27-29 noneho usubize ikibazo cya 2 kugeza icya 7

2. Ni iki twahawe?(v.28) _____

3. Ni nde utanga ubugingo buhoraho?(v.28)_____

4. Hari ikintu gihoraho gishobora kuzaza ku iherezo?_____

Inshinga "Gutanga" mu Ndagihe. Ivuga ko twamaze kugira ubugingo Buhoraho. Ubugingo buhoraho ntibutangira mu gihe dupfuye, ahubwo Ni mu mwanya twemereyeho Kristo nk'Umukiza wacu bwite.

5. Ni ryari tuzapfa?
icyi yanditswe kigaragaza ko Ubugingo buhoraho budafite iherezo.

6. Hari umuntu cyangwa ikintu , byatuvuvunura mu kiganza cya Kristo?(v.28)
_____

7. Hari ushobora kutuvuvunura mu kiganza cya Data?(v.29)
_____

Ubu soma Abefeso 1:13-14 , usubize ikibazo cya 8 n'icya 9.

8. Ni uwuhe murimo Imana yakoze muri twe?(v.13)_____
_____

9. Ni ryari twashyiriweho ikimenyetso?(v.13)_____
Imana yaduhaye Umwuka Wera nk'ingwate kuko turi aba Kristo kugeza Igihe azazira kutujyana.

Soma " Ndi nde muri Kristo? Mu mugereka wa 2, mu mpera z'igitabo. Wiyumvise ute mu gusoma ibyo byanditswe? Biguhaye ikizere?
_____
_____

TANGA ISHIMWE

Dukurikije Yohana 10:28-29, Uri mu kiganza cya Yesu Kristo, kandi ukaba no mu kiganza cya Data.

Tekereza uburyo ubugingo buri muri ibyo biganza burinzwe!
Nta gitangaje ko bivugwa incuro ebyiri ko ntawatuvana Aho turindiwe.

Tekereza kuri ibi

Gucumura ni ugukora, cyangwa gutekereza ikintu gihabanye n'Ubushake bw'Imana.Nubwo Imana inkunda , yanga icyaha cyanjye.

Bitekerezeho noneho wandike impamvu ebyiri zituma wizera ko Umukristo agomba gushaka kwirinda icyaha.
1._____
_____
_____
2._____
_____

IKI CYUMWERU

Iki cyumweru, sengera umwe mubo mu muryango wawe utarakira Kristo. Musabire agakiza. Andika izina rye.

_____

Ugira ikibazo cyo kubasha kubona amagambo muri Bibiliya? Dore urutonde. Fata mu mutwe amazina y'ibitabo icumi bya mbere by'Isezerano Rishya uko bikurikirana

Matayo
Mariko
Luka
Yohana
Ibyakozwen'intumwa
Abaroma
1Abakorinto
2Abakorinto
Abagalatiya
Abefeso



KUGWIZA IMBARAGA

Soma Yohana 8 – 14 muri iki cyumweru (igice buri munsi).

Fata mu mutwe Yohana 10:27-28

" Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira; nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi ntawuzazivuvunura mu kuboko kwanjye."

10. Soma 1Yohana 5:11-12. Ufite ubugingo buhoraho?_____
    Ni gute ushobora kumenya neza ko ufite ubugingo cyangwa Utabufite?_____
    _____

IMBUZI

11. Ubu kuko nakijijwe, kuki ntagomba kureka gukina n'icyaha? Abaroma 6:_____
    _____

Soma **Abaheburayo 12:5-10** maze usubize ikibazo cya 12-13.

12. Kuva ndi umwana w'Imana, Irankosora. Kuki Ibikora?(v.6)
    _____

13. Ni iyihe ntego y'Imana mu kunkosora? (v.10)_____
    _____
    _____

IMANA IMPA GUHITAMO

Ntabwo Imana yifuza ko ucumura. Ariko nk'umuntu uhura n' Ibishuko. Ni ukuvuga ko dukomeza kurwana n'icyaha mu buzima bwacu.

Bigenda bite iyo ucumuye? Ntabwo wakwa agakiza kawe, ariko byangiza umubano wawe n'Imana. Nkuko Data ari urukundo, yaduteguriye uburyo bwo guhunga ibishuko, ndetse n'inzira yo kugaruka kuri we igihe twakoze icyaha. Tuzabyiga mu buryo burambuye mu ntambwe ya 3

GUCUKUMBURA

Soma 1Abakorinto 3:11-15. buri Mukristo azacirwa urubanza. Ntabwo hazarebwa ko bakijijwe, ahubwo hazasuzumwa imirimo yabo. Niba imirimo ye yarashimwaga n'Imana, Umukristo azahabwa igihembo (ibi bihembo ntabwo bihwanye n'agakiza, kuko umuntu abanza kubona agakiza dukurikije umurogo wa15.)

Uzahabwa ibihembo cyangwa uzakizwa nk'uvuye mu muriro?

_____
_____

Intambwe ya 3
Waranesheje!

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya (O)

___ Niba tugeragezwa ntituzabura gucumura
___ Niba ducumuye tukatura Ibyaha byacu ku Mana Izatubabarira.
___ Dufite imyuka y'abanzi idushuka

TURI MU NTAMBARA

Bibiliya ivuga ko Imana atariyo idushuka(Yakobo 1:13). Ni bande banzi bacu bo mu mwuka dukurikije iyi mirongo Ikurikira?

1. Yakobo 4:4 _____

2. Abagalatiya 5:17 _____

3. 1 Petero 5:8 _____

Ni gute tugomba gusubiza buri mwanzi?

4. Isi (Abaroma 12:2)_____

5. Umubiri (Abagalatiya 5:16) _____

6. Abadayimoni (Yakobo 4:7) _____

DUSHOBORA KUNESHA

7. Ni nde ukomeye kuruta satani? (1Yohana4:4)_____

8. Ninde utuye mu muntu wizera?(1 Abakorinto3:16) _____

9. Ninde uduha Ubutsinzi? (1 Abakorinto 15:57) _____
_____

IMANA IDUHA IBYANGOMBWA BITUMA TUNESHA

Dukurikije imirongo ikurikira,ni gute tugomba kwirinda kugwa Mu bishuko?

11. Zaburi 119:11_____
12. Matayo 26:41 _____
13. Imigani 4:14-15 _____
14. 2Timoteyo 2:22 _____

GUCUKUMBURA

Twese turageragezwa, ariko ntibivuga ko tugoma gucumura.

1Abakorinto 10:13 harimo ukuri k'uburyo butatu buduhumuriza.

1. Ibigeragezo ni ibintu bibaho ku muntu wese.ariko birashoboka kubinesha.

2. Imana ishyira imbibi ku bigeragezo ,muri byo tubasha gukomera.

3. muri buri kigeragezo, Imana iducira akanzu

Tekereza uko kuri ukwizere!

Hamya Ukuri

Umukristo ashobora kunesha Ibigeragezo. Ushobora kwibuka ibihe wageragejwe ukanesha ubifashijwemo n'Imana?

_____
_____
_____

KORA IBINTU MU BURYO BWABYO

Uwa mbere ngomba kwaturira icyaha cyanjye ni Imana (Zaburi 32:5);ariko hari igihe biba bidahagije. Nkeneye gutera intambwe nkakomeza

Niba icyaha cyanjye cyarahungabanyije undi, ngomba kumushakisha nkamusaba imbabazi neza(Yakobo 5:16 ; Matayo 5:23-24)

Dusubiye mu byo Intumwa Yohana Yavuze:
Ni gute nshobora kuba umunyakuri ku Mana ntareba, kandi ntabaye umunyakuri kuri mugenzi wanjye ndeba? (1Yohana 5:20)

IKI CYUMWERU

Iki cyumweru , senga Imana kubw'inshuti yawe, uwo mukorana, uwo mwigana, umuturanyi ukeneye kumenya Yesu Kristo.

Iki cyumweru nzasengera:

_____

Fata mu mutwe ibitabo bikurikira icumi by'Isezerano Rishya, wiyibutse ibyabanje 10 mu isomo ry'ubushize:

Abafilipi
Abakolosayi
1 na 2 Abatesalonike
1 na 2 Timoteyo
Tito
Filemoni
Abaheburayo
Yakobo

KUGWIZA IMBARAGA

Soma Yohana 15-21 muri iki cyumweru (igice buri munsi).

Fata mu mutwe 1Yohana 1:9

" Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha no kutwezaho gukiranirwa kose."

DUSHOBORA KUBABARIRWA.

14. Dukurikije 1Yohana 1:8, hari n'umwe naho yaba Umukristo, wahakana ngo ntacumura? _____

mu gucumura, umubano hagati y'Imana n'Uwizera urangirika. Imana ntiyishima, nubwo idukunda, ntizumva ibyifuzo byacu Mu gihe tutarashaka kwihana icyaha cyacu.

15. Niki tugomba gukora ngo tubabarirwe? (soma 1Yohana 1:9)__ _____

NI GUTE TUGOMBA KWIHANA ICYAHA?

Kwihana ntabwo ari ukuvuga gusa ngo, " Nacumuye." Kwihana k'ukuri gusaba ibintu byinshi:

a. Kuba ubyiyemeje koko.
b. Ubitere umugongo (saba imbabazi mu kuri kandi wifuze kudasubira muri icyo cyaha ukundi).
c. Rasa ku ntego(Bwira imana werekana neza icyo wakoze).
d. Kwihutira gusobanukirwa neza ikosa nakoze. Mugihe maze kubona ko nacumuye, ngomba kwihana icyo icyaha. Ibyo bindinda kugwa mu bindi byaha.
e. Guca bugufi ngasaba imbabazi , abantu icyaha cyanjye cyagizeho ingaruka.
f. Kwemera imbabazi. Ntitugomba gukomeza kwiciraho urubanza rw' ibyaha twamaze kwihana. Niba Imana yatubabariye, tugomba kwakira imbabazi zayo, tukizera, tukanayishimira. Tugacyaha amajwi ya satani avuga ko tudashobora kubabarirwa.

16. Dukurikije 1Yohana1:9, bigenda bite iyo nihannye icyaha cyanjye?

a. _____

b. _____

INCAMAKE

1. Ni bande banzi bacu bo mu mwuka ?
2. Nihe twakura imbaraga zo kubarwanya?
3. Niba ducumuye, niki twakora ngo tubabarirwe?



Intambwe ya 4
Umwami wa Byose

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)
_____ Mfite uburenganzira bwo kugenzura ubugingo bwanjye.
_____ Niba neguriye Yesu ubugenzuzi bw'ubugingo bwanjye, azankuramo ibinshimisha byose
_____ Nzi kuyobora ubugingo bwanjye. Nta wundi ufite uburenganzira bwo kumbwira icyo gukora.

NINDE MUTWARE?

Rimwe mu mazina akunze gukoreshwa avuga Kristo ni " UMWAMI." Nubwo ab'isi Ya none bigometse ku Mana, umunsi umwe amavi yose azapfukama imbere ya Kristo kandi indimi zose zizatura ko ari Umwami. (Abafilipi 2:10-11)

1. Bishatse kuvuga iki : "Yesu ni Umwami w'ubugingo bwanjye" ?_____
   _____

2. Kuki Kristo afite uburenganzira bwo kuyobora ubugingo bwanjye?

   Abakolosayi 1:16_____

   2Abakorinto 5:15_____

Ubugingo bwanjye ni ubwa nde? _____

IGISUBIZO CYANJYE

3. Niba Kristo angenga, ni gute ngomba kumwitura , nkurikije 2 Abakorinto 5:15? _____
   _____

4. Soma Abagalatiya 2:20. uyu murongo uvuga muri make, kimwe mu by'ingenzi mu bugingo bw'Umukristo. Sobanura interuro ikurikira. " Sijye uriho ahubwo ni Kristo uriho muri jye." _____
   _____

"Kubambanwa na Kristo" bisobanura ko ubugingo bwanjye bwa kera bwapfuye, cyangwa bwajyanywe kure yanjye. Ubu mfite ubugingo bushya, n'imbaraga zo kurwanya n'icyaha.

5. Ni gute ngomba kuba mu bugingo bushya bwo muri Kristo? Reba Abagaratiya 2:20b._____
_____

SUZUMA

Hari ibintu byinshi bitari byo bibi ubwabyo, ariko bishobora gufata umwanya Kristo yagombaga kuba afite mu bugingo bwacu.

Shyira akamenyetso ku bintu byabuza gukora kwa Kristo mu bugingo bwawe.

☐ Ibikorwa ☐ Inshuti

☐ Imigambi ☐ Umurimo

☐ imikino ☐ Ingeso

☐ Imiterere ☐ Umuryango

☐ Ibindi_____

Tekereza kuri ibi

Ni ibiki bikubamo wifuza kwegurira Kristo ngo abigenge?

_____
_____
_____
_____

Iki cyumweru

Rangiza gufata mu mutwe ibitabo bikurikira by'Isezerano Rishya, wiyibutse andi mazina y'ibya mbere umaze kwiga:

1 na 2 Petero
1,2, na 3Yohana
Yuda
Ibyahishuwe.

RWANYA UBWOBA

Biguteye ubwoba kwegurira Kristo ubugingo bwawe bwose ?

Mu kuri Imana irashakira ubugingo bwanjye icyaba cyiza?

Izi ni zimwe mu mpamvu abantu bagira batinya kwiyegurira Kristo.
Erekana izakugezeho nawe.

☐ Ndatinya ko Yesu mu by'ukuri atumva ibibazo byanjye.

☐ Ndatinya ko Kristo antegeka Gukora ibyo ntashobora Gusohoza.

☐ Ndatinya ko Yesu yantegeka kubana n'umuntu ntishimiye.

☐ Ndatinya ko Imana izambuza Inshuti zanjye n'ibinezeza nkora.

☐ Ndatinya ko nshaka kuba Umwizerwa nyamara sinuzuze Ibyo ashaka ko nkora

Noneho soma 1 Petero 5:6-7. mu kuri kw'ibi byanditswe uratekereza ko hari ishingiro ry'ubwoba bwawe?

Yego ☐ Oya ☐



KUGWIZA IMBARAGA

Soma Ibyakozwen'intumwa 1-7 (Igice buri munsi)

Fata mu mutwe Abagalatiya 2:20

" Nabambanywe na Krisro ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri mbikoreshwa n'umwana w'Imana wankunze akanvitangira."

6. Ni iyihe nzira nziza yo kumenya niba Kristo ari Umwami w' Ubugingo bwanjye? Luka 6:46

_____

7. Kuki ari ngombwa kwegurira Kristo ubugingo bwanjye ngo abugenzure?

   ✓ Sinshobora gukorera abami babiri. Mfite kwiyemeza Niba ngiye gukorera Imana cyangwa gukorera isi. Sinshobora kubinezeza ari byombi (Luka 16:13).

   ✓ Yesu atariwe uyoboye ubugingo bwanjye, naba imbata y'icyaha (Abaroma 6:6).

   ✓ Umunsi umwe nzahagarara imbere y'intebe y'imanza ya Kristo kubazwa ibyo nakoze.(2Abakorinto 5:10).

NINDE USHOBOYE CYANE GUCUNGA UBUGINGO BWANJYE?

	Yesu	Jyewe
Ninde ushakira icyiza ubugingo bwanjye buri munsi?	☐	☐
Ninde uzi icyiza gikwiriye ubugingo bwanjye?	☐	☐
Ninde ushoboye gukora ibyiza ku bugingo bwanjye?	☐	☐

NI KI NGOMBA KWEGURIRA KRISTO?

Bimwe mu biranga ubugingo bwanjye ngomba guha Kristo ni :

8. Abaroma 12 :1_____
   Yesaya 26 :3 _____
   Abefeso 5 :15-16_____
   2Abakorinto 9 :6-7_____

KWIYEGURIRA KRISTO KWA BURI MUNSI

Abaroma 12:1hatwigisha kwegurira Kristo imibiri yacu. Isengesho rikurikira twarikoresha nk'uburyo bw'uku Kwiyegurira Kristo kwa buri munsi.

" *Mwami ndakwihaye . Akira ibitekerezo byanjye, nibyo ntekereza Akira amaso yanjye n'ibyo ndeba. Akira amatwi yanjye n'ibyo numva. Akira umunwa wanjye n'ibyo mvuga. Akira umutima wanjye , uko meze nuko nteye. Akira ibiganza byanjye n'ibyo nkora, Akira ibirenge byanjye n'aho njya, Akira umubiri wanjye, ni ihema ryawe.*
Nyuzuza Umwuka wawe Wera. Ndashaka kukumvira.
Ndashaka gukora Ubushake bwawe."

Intambwe ya 5
Kubaho Mu Mwuka

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)
_____ Umwuka Wera ni “Imbaraga” z’Imana.
_____ Umwuka Wera uduha kumva ko twacumuye.
_____ Umwuka Wera atura mu bana b’Imana bose.

UMURIMO W’IBANZE W’UMWUKA

Mu gihe Yesu Kristo yazamukaga kwa Data mu ijuru,
Yohereje Umwuka Wera (Umwuka w’Ukuri) wo kumuhamya (Yohana 15:26)**.**

1. Dukurikije Yohana 16:8-9, ni uwuhe murimo w’Umwuka Wera ku batizera?_____

2. Umwuka Wera utuma umuntu wemeye Kristo avuka ubwa kabiri (Yohana 3:3-8). Ubyumva ute “ Kuvuka ubwa kabiri”?
   _____
   _____

Ibindi Umwuka Wera akora mu bugingo bw’abemeye kwakira Kristo Turabibona mu bice bikurikira.

3. Dukurikije 1Abakorinto 12:12-13 twese _____ mu mubiri umwe kubw’Umwuka.

   Kubatizwa n’Umwuka ntibihwanye no kubatizwa mu mazi, Umwuka Wera Utugira abagize umubiri wa Kristo, iryo ni Itorero, riduhindura Abizera b’Ukuri hose mu isi .

4. Dukurikije Abefeso 1:13, Twa _____ mu Mwuka Wera w’Isezerano.

   “Gushyirwaho ikimenyetso” n’Umwuka bisobanura Umwana w’Imana mushya, Imana yironkeye kuva mu mwanya atangiriyeho kwizera (v.14).

5. Dukurikije 1Abakorinto 3:16, Umukristo ni Urusengero rw’Imana n’Umwuka Wera _____ muri we. Ibi bivuga ko Umwuka Wera atura burundu muri we.

INCAMAKE KU MURIMO WIBANZE W’UMWUKA

- ✓ Kwemeza Icyaha
- ✓ Utuma habaho kuvuka gushya
- ✓ Utubatiza mu mubiri wa Kristo
- ✓ Ikimenyetso gihoraho
- ✓ Utura mu mubiri wacu

GUCUKUMBURA

Dukurikije 1Abakorinto 6:11, Umwuka Wera ni nde?_____
_____

Reba na none
Ibyakozwen’intumwa 5:3-4

TEKEREZA KURI IBI

Abefeso 1:14 Usobanura ko Umwuka Wera ubwe ari “ Ingwate” cyangwa ikiguzi ku Gakiza kacu .
Uku kuri urakumva ute?

_____

_____

_____

IGISUBIZO CYANJYE

Muzi ko Imibiri yacu ari isengero z’Umwuka w’Imana
Ni gute tugomba kwita ku mibiri yacu?

Soma 1Abakorinto 6 :19-20.

_____

_____

_____

Muri iki cyumweru

Gira umuntu umwe uha ubuhamya (k'uburyo waje kumenya Kristo)

Wasanga uwo muntu ari wawundi umaze iminsi usengera.

GUCUKUMBURA

Soma Yuda 20.

" Gusengera mu Mwuka Wera" bivuga iki?
Reba ikibazo cya 8.



KUGWIZA IMBARAGA

Soma
Ibyakozw. 8-14
(Igice kimwe ku munsi).

Fata mu mutwe
1Abakorinto 12:13

" Kuko mu muwuka umwe twese arimo twabatirijwe kuba umubiri umwe__ naho twaba abayuda cyangwa abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo, kandi twese twujujwe Umwuka umwe."

GUKOMEZA GUKORA KW'UMWUKA WERA

6. Ni iki Kristo yasezeranije ku bumenyi bw'Umwuka Wera, Dukurikije Yohana 14:26? _____
   _____

   Mbega umunezero wo kumenya ko Umwuka wa Kristo ubwe atwigisha!

7. Umwuka Wera aratuzi cyane n'imbere mu mutima. Niki kindi akorera Uwizeye dukurikije Abaroma 8:26-27? _____
   _____

8. Abaroma 8:14 havuga ko Umwuka Wera ayobora Umukristo. Kugirango Umukristo ayoborwe n'Umwuka Wera agomba :

   Abefeso 5:18 _____

   Abagalatiya 5:16 _____

   Kuzura Umwuka Wera cyangwa kugendera mu Mwuka Wera bivuga ko Umukristo aba ayoborwa akanategekwa n'Umwuka . Ibyo bigaragazwa n'imbuto zivugwa mu Bagalatiya 5:22-23.

NAKUZURA NTE UMWUKA WERA?



- ✓ Mu gihe umenye ko wakoze icyaha cyaturire Imana. Ntutegereze ko ibyaha bigwira(1Yohana 1:9). Kandi ni ngombwa ko mu kwizera wakira imbabazi uhabwa n'Imana.
- ✓ Sanga Imana. Uyemerere Itegeke ubuzima bwawe, Ugandukire Ubushake bwayo(Abaroma 6:13). Subiramo isengesho riheruka mu isomo ry'ubushize.
- ✓ Mu kwizera wemere kuzuzwa n'Umwuka Wera, ibyo ni ukuvuga ko ugomba kwizera ko uyoborwa n'Umwuka Wera. Tangira imibereho n'ibikorwa by'uko kwizera.

INCAMAKE KU MURIMO W'UMWUKA MU MWIZERA

Yigisha Umwizera
Asengera Umwizera
Ayobora Umwizera
Yuzura Umwizera
Ahimbaza Kristo (Yohana 16:13-14)

Intambwe ya 6
Imana Ivugana Nanjye

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)
_____ Hafi Bibiliya yose yavuye ku Mana
_____Buri muntu usaba gufashwa n'Imana ashobora gusobanukirwa Bibiliya.
_____ Kugirango wunguke ibyo muri Bibiliya ni ngombwa ko utekereza ku byo uyisomamo.

BIBILIYA NI IKI?

1. Muri 2Timoteyo 3:16 hatubwira iki ku nkomoko ya Bibiliya? _____

_____

Ijambo " Guhumekwa" tubona muri Bibiliya zitandukanye risobanura " Guhumekwa n'Imana " Ibyo bitubwira iki kubyerekeye Ijambo ry'Imana?

_____

Uyu murongo uvuga ko ibyanditswe _____ byahumetswe n'Imana. Niba aribyo, hashobora kubonekamo amakosa muri yo?_____

2. Ni mu buhe buryo Bibiliya itandukana n'ibindi bitabo? Abaheburayo 4 :12

_____

3. Sobanura uburyo Bibiliya ikora nk'inkota mu bugingo bwawe. (Abaheburayo 4 :12) _____

_____

AKAMARO KA BIBILIYA

4. Bibiliya irakugaburira mu by'Umwuka. Bibiliya igereranywa n'iki muri 1petero 2 :2 ?_____

Ni iki cyaba ku Mukristo wirengagiza gusoma Bibiliya ?

_____

5. Bibiliya irakuyobora mu bugingo bwawe bwa buri munsi. Bibiliya igereranywa n'iki muri Zaburi 119:105?_____

Itabaza rikoreshwa iki? _____

Turi mu kinyejana cy'akaduruvayo. Hari "Abigisha" , Amatorero, Inshuti bashaka Kutugira inama. Ese twamenya dute inama z'Ukuri? Imana yaduhaye Bibiliya kubera iyi mpamvu, kugirango tujijuke kandi tunagenzure inama tugirwa.

6. Bibiliya iragufasha kudacumura (Zaburi 119:11). "Nibikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye " biravuga iki?_____

MURI IKI CYUMWERU

Amabwiriza uhabwa yo gusoma muri buri somo, uyakora gute?

Ese usoma igice buri munsi?

☐ Yego ☐ Oya

Mu gihe usoma Bibiliya, wabonye imbaraga z'Ijambo ry'Imana zikora ku mutima wawe cyangwa zihihindura ubuzima bwawe?

Yego☐ Oya ☐

Gira uwo ubwira ibyo wiga Iyo Usoma .

Hamwe no gufashwa n'Imana, nihaye inshingano yo gusoma Bibiliya yanjye. (byibura igice kimwe ku munsi).

Itariki _____

Fata mu mutwe urutonde rw'amazina y'ibitabo 14 bibanza mu Isezerano rya Kera:

Itangiriro
Kuva
Abalewi
Kubara
Gutegeka kwa kabiri
Yosuwa
Abacamanza
Rusi
1 na 2 Samuel
1 na 2 Abami
1 na 2 Ingoma

GUTEKEREZA KU BYANDITSWE

Yosuwa 1:8 hadutegeka gutekereza kuri Bibiliya ijoro n'amanywa, ibyo bivuga ko ari ibihe byose.

Turatanga inama zikurikira k'uburyo bwo gutekereza ibihe byose kuri Bibiliya.

Ukurikije ibyo usoma muri Bibiliya andika Umurongo ku Ikarita ifite 3 x5 Cyangwa mu ikayi . iyo kayi cyangwa ikarita uyishyire mu mufuka wawe cyangwa ahantu hagaragara ukunze kuba ureba buri mwanya, nko kuri Firigo, mu biro, ku ndorerwamo kugira ngo amaso yawe ajye ahura nayo kenshi mu munsi.

Mu gihe utekereza kuri uwo murongo wawe, ibaze ibi bikurikira :

- ✓ Imana irashaka kunyigisha iki ?
- ✓ Ese ubu butumwa nabukoresha nte mu buzima bwanjye muri uyu munsi ?

BITEKEREZEHO

Ese Bibiliya ni yo ifite ubutware kamara mu buzima bwawe ? Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17 :10-11. ni akahe kamenyero k'abizera b'i Beroya twakwigana ?

_____

_____

KUGWIZA IMBARAGA

Soma Ibyakozwe 14-21 (igice kimwe buri munsi).

Fata mu mutwe 2Timoteyo 3:16-17

"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose."

7. Bibiliya igufasha gukura mu buzima bwa Gikristo. Dukurikije 2Timoteyo 3:16-17, Bibiliya ifite akamaro ko:

   _____ _____

   _____ _____

   Uwemera wese kuyoborwa na Bibiliya "azatunganyirizwa rwose umurimo mwiza." Ujye wirinda abakubwira ko bibiliya idahagije bagushishikariza gushaka inzozi n'iyerekwa ryiyongera kuri Bibiliya. Bibiliya ubwayo irahagije!

8. Hari ubwo bikugora kugira kwizera? Soma Abaroma 10:17 ubone gusubiza ibi:
   Kwizera kutugeraho gute? _____
   Kwizera kwacu twakwongera gute? _____

IBIRI MURI BIBILIYA. Bibiliya igabanyijemo ibice bibiri:

ISEZERANO RYA KERA	**ISEZERANO RISHYA**
Ibitabo 39	ibitabo 27
Amategeko (Itangiriro kugeza Gutegekwa kwa kabiri)	Ubuzima bwa yesu (Ubutumwa 4) Gukura kw'Itorero (Ibyakozwe)
Amateka y'abisirayeli (Yosuwa-Esiteri)	Inyigisho (Inzandiko)
Ubuhanuzi (Yesaya – malaki)	Ubuhanuzi (Ibyahishuwe)

UKO TWAKUNGUKA BYINSHI BYO MURI BIBILIYA

Tega amatwi: Guteranira mu Itorero aho bigisha mu bwitonzi Ijambo ry'Imana (Ibyahishuwe 1:3; Abaheburayo 10:24-15)

Iga: Ese usoma Bibiliya yawe buri munsi? Andika mu ikayi ibyo wunguka mu byo usomye buri munsi (Reba ku mugereka 4). Aho gutangirira neza ni mu bitabo bya Yohana, Ibyakozwe n'Intumwa, 1 Yohana n'Abaroma.

Tekereza: Reba " Gutekereza ku byanditswe" mu gasanduka kari ku ruhande. Icyitonderwa: Hari amadini menshi n'amashyirahamwe menshi bakora icyo gikorwa cyo gutekereza, bagerageza kwikuramo ibindi bitekerezo mu bwenge bwabo basubiramo amagambo inshuro nyinshi bakibona bafite aho bavuye naho bagiye mu by'umwuka no kuyoborwa. Ubwo ntabwo ari bwo buryo bwo muri Bibiliya bwo gutekereza ahubwo ni ubupfumu, no kuramya ibigirwamana byangwa n'Imana (Reba Guteg.18:9-13). Gutekereza kwo muri Bibiliya kujyana no gusoma no kuvuga ku ijambo ry'Imana.

Fata mu mutwe: Hari igice cy'ibyanditswe ushinzwe gufata mu mutwe buri nyuma y'isomo. Ni ngombwa ko urangiza iyo nshingano kuko bigufasha kubika Ijambo ry'Imana mu mutwe wawe ukazarikoresha nyuma yaho mu bihe biri imbere.

Umvira: Andika mu magambo yawe, intego nkuru tubona muri Yakobo 1:22

_____

ni iki Ezira yakoresheje ibyanditswe? (Ezira 7:10). Andika ibintu bitatu:

1. _____
2. _____
3. _____

Intambwe ya 7
Kuvugana n'Imana

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)

_____ Kugira ngo usenge ni ngombwa ko ubikorera mu rusengero kandi upfukamye.
_____ Nshobora gusenga mfite ikizere kuko Imana inyumva kandi yasezeranye gusubiza.
_____ Birahagije gusenga mbere yo gufungura no mugihe ngiye kuryama.

GUSENGA NI IKI ?

Gusenga ni ukuvugana n'Imana . Ni nkuko uvugana n'inshuti isanzwe. Ushobora kuvugana n'Imana ku ngingo iyo ariyo yose, ubwoba cyangwa icyo ukeneye. Gusenga ni ukuvugana n'Imana n'umutima wawe wose.

1. Ni iki Imana yatwemereye muri Yeremiya 33 :3 ?_____
   _____

   Amasengesho ni uburyo bwo kubwira Imana ibintu byose biri ku mutima wawe nta buryarya, nk'inshuti yawe iguteze amatwi kandi ikwitayeho cyane.

   Imana yasezeranye ko izasubiza ite amasengesho yawe?_____
   _____

   Ese haba hari ibihe Imana igira imirimo myinshi, ikananirwa kumva amasengesho yawe?

   Yego ☐ Oya ☐

2. Amasengesho ni bumwe mu buryo bwo kwirinda. Ni iyihe nama Yesu yagiriye Abigishwa be kugira ngo be kugwa mu moshya?

   Matayo 26:41 _____

3. Ni uwuhe mutego twakwirinda kugwamo mu gihe dusenga?
   Matayo 6:5 _____
   Matayo 6:7 _____

   Ni ubuhe busobanuro bwawe kuri iyi nteruro" Gusubira mu magambo adafite icyo avuze" ("kuvuga nk'abapagani".)

   TUGOMBA GUSENGA GUTE?

4. Zaburi ziduha impamvu nyinshi zituma duhimbaza Imana.
   urugero Zaburi 106:1 ni iyihe mpamvu iguha yo guhimbaza Imana?
   _____

5. Aho guhora uhagaritse umutima, wagombye gukora iki? Abafilipi 4:6
   _____

TEKEREZA KURI IBI

Ese twagombye kwegera Imana twifashe dute?, dukurikije Abaheburayo 4:16?

_____
_____

Uko ubyumva, ni kuki dukeneye iyo myifatire ihanitse imbere y'Imana?

_____
_____

" Tugomba gusenga mu gihe dufite inyota yo gusenga, kuko byaba bibaye icyaha gupfusha ubusa umwanya w'agaciro. Tugomba gusenga mu gihe tudafite inyota yo gusenga kuko byatubera akaga kuguma muri iyo mibereho mibi."

Charles H.Spurgeon

MURI IKI CYUMWERU
Fata mu mutwe urutonde rw'amazina y'ibitabo byo mu isezerano rya kera bikurikira kandi wiyibutse ibyo wize ubushize.

Ezira	Yesaya
Nehemiya	Yeremiya
Esiteri	Amaganya ya
Yobu	Yeremiya
Zaburi	Ezekiyeli
Imigani	Daniyeli
Umubwiriza	
Indirimbo	

MURI IKI CYUMWERU

Muri 1Timoteyo 2:1 dutegekwa "gusabira abantu bose, kubasengera, kubingingira no kubashimira.

Ufite urutonde rw'ibyifuzo byo gusengera rukwibutsa abo ugomba gusengera?

Kora urutonde rw'amasengesho ku rupapuro cyangwa ikaye.

Urutonde rwawe rube rukubiyemo inzego zikurikira:

- ✓ Abagize umuryango wawe
- ✓ Inshuti
- ✓ Abavandimwe musangiye kwizera
- ✓ Abagaragu b'Imana(Pasitori wawe n'abandi)
- ✓ Abantu bayobora igihugu n'akarere urimo.
- ✓ Abantu bakubabaje
- ✓ Abantu wifuza kumenyesha iby'agakiza ka Kristo
- ✓ Intego zawe no gukura kwawe bwite.



KUGWIZA IMBARAGA

Soma Ibyakozw.22- 28 (igice ku munsi).

Fata mu mutwe Abafilipi 4:6-7

" Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye mubyingingiye, mushima. Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu."

6. Dukurikije Abafilipi 4:6, tugomba kwifata dute mu gihe dufite icyo dusaba Imana?_____

   Mu gihe dusenga dufite " Ishimwe" tuba tugaragariza Imana Kwizera kwacu, twiringiye igisubizo igiye kuduha.

   Iyo niyo mpamvu umurongo wa 7 uvuga ko dushobora_____ mu mitima yacu ,mu gihe tumaze gushyira imitwaro yacu mu maboko y'Ushobora kudufasha mu bibazo byacu.

7. "Gusenga ubudasiba" bivuga iki? (1Abatesalonike5:17)
   _____

   Niba ugomba gusenga ibihe byose, bivuga ko ushobora gusengera ahantu ahariho hose, urugero nko ku kazi, mu gihe Uri muri bus n'ahandi ?_____

AMASENGESHO YAWE AGOMBA KUBA AKUBIYEMO

Kuramya no Guhimbaza Imana kubera uwo Iri We

Kwatura ibyaha byawe kugirango bitaba inzitizi ku mubano wawe n'Imana.

Gusaba kubw'ibyifuzo ufite hamwe no kwingingira abandi

Gushima Ibyo Imana yagukoreye ni ibihe? Ntitukajye tuba indashima. Tujye Twereka Imana ishimwe tuyifitiye.

8. Dukurikije Yohana 14:13 tugomba gusenga mu izina rya _____

9. Ibindi twakwiga bijyanye n'uburyo bwo gusenga mu byanditswe bikurikira ni ibihe?
   Zaburi 66:18_____
   1Yohana 5:14-15_____
   Matayo 21:22 _____

10. Ni gute Abefeso 3:20 hagufasha mu gukomeza kwizera kwawe?
    _____
    _____

IMANA ISUBIZA AMASENGESHO YAWE

Tumaze kubona ko Imana yasezeranije gusubiza amasengesho yacu. ariko se, gute? hari uwavuze ko Imana ifite uburyo butatu ikoresha mu gusubiza amasengesho:

- ✓ Hari ubwo ivuga iti "Yego".
- ✓ Hari ibihe kubera kutugirira neza, ivuga iti "Oya".
- ✓ Hari ubwo ivuga iti " Tegereza gato".

NDI HANO MWAMI NDITEGUYE KURI YA GAHUNDA YANJYE NAWE

Intambwe ya 8
Guhura n'Imana buri Munsi

Subiza Yego (Y) cyangwa Oya (O)

____ Ni iby'ingenzi gusoma Bibiliya no gusenga buri munsi
_____ Umuntu agomba gusoma ibice bya Bibiliya byinshi ku munsi
_____ Imana ikeneye kuduhindura umunsi ku munsi ikoresheje Ijambo ryayo.

IGIHE CY'UMWIHERERO NI IKI ?

Igihe cy'umwiherero niwo mwanya wa ya gahunda yacu tugirana n'Imana buri munsi. Ugomba kubaho buri munsi, kuko bifata umwanya guteza imbere umubano wacu n'Imana. Gukura ntabwo bihita biba ako kanya ahubwo ni ibintu bikorwa umunsi ku wundi, hatewe intambwe ya buri gihe.

" Mwami wanjye, Mana yanjye, tyariza ugutwi ijwi ryanjye ngutakira kuko ari wowe nsenga. " Zaburi 5:3

Abantu bamwe bawita "igihe gituje", kuko ari igihe cyo gutegerereza imbere Y'Imana ngo itubwirire mu ijambo ryayo, ndetse isubize mu gusenga.

AKAMARO KABYO

NI KUKI ARI IBY'INGENZI KUGIRA UMWANYA WO KWIHERERA

Yosuwa 1:8 _____
Zaburi 61:1_____
Matayo 4:4_____

Ese wavuga ko gahunda ya buri munsi n'Imana ari ngombwa cyangwa ni igitekerezo cyiza (mu gihe ufite umwanya)? _____
_____

NI RYARI, NI HEHE WAGIRIRA IMYIHERERO YAWE?

Ubusanzwe igihe cyiza cyane ni mu gitondo. Ibyo bituma dutangirana n'Imana uwo munsi. Abagabo nka Dawidi na Kristo bafataga umwanya wihariye mu gitondo (Zaburi 5 :3 na Mariko 1 :35). Ibyo bisaba ko tuzinduka uko tudasanzwe tuzinduka, ariko bikaba umuhate ukwiriye. Hari abakunze gufata uwo mwanya ku mugoroba (Zaburi63 :6) cyangwa ikindi gihe cy'umunsi bazi ko bashobora gufata ya « gahunda » yabo n'Imana.

Igihe icyo ari cyo cyose wahitamo, ushake ahantu hatuje ushobora kumara igihe nta kirogoya. Hari ubwo kugirango ubone uwo mwanya bigusaba kubyuka mbere y'abandi, ugakinga urugi rw'icyumba cyawe cyangwa ukajya hanze.

Nonaha tegura igihe n'ahantu h'imyiherero yawe :
Isaha _____Nzajya mbyuka :_____ Ahantu :_____

Bitekerezeho

Abaheburayo 4:12 Hagereranya Bibiliya "nk'inkota ityaye impande zombi."

Hari ubwo kubisoma bitatugwa neza kuko, ibyo dusomye byinjira imbere mu buzima bwacu bikatwereka uko tumeze, n'ibyo tugomba gukosora.

Ese waba warigeze gushimira Imana kubera ubushobozi buri mu byanditswe bituma ibyo bibaho?

MURI IKI CYUMWERU

Fata mu mutwe urutonde rw'ibitabo byo mu isezerano rya kera, unasubira mu byo wize ubushize.

Hoseya
Amosi
Obadiya
Yona
Mika
Nahumu
Habakuki
Zefaniya
Hagayi
Zekariya
Malaki

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA

Inama tukugira nuko watangirira gusoma kwawe mu isezerano rishya. Usoma mu gitabo kimwe buri munsi kugeza ubwo uzakirangiriza.

Ushobora gutangira gusoma ibitabo byo muri Bibiliya ku buryo bukurikira:

Yohana
Ibyakozwen'intumwa
1Yohana
Abaroma
Yakobo
Abafilipi

Umugereka wa 5 uguha urutonde rw'ibyo wasoma mu mwaka wose.

Icyitonderwa: Mu gihe urangije gusoma igitabo, mbere yo gutangira ikindi, gerageza gusoma Zaburi hamwe n'igice y'imigani.

KUGWIZA IMBARAGA

Soma 1Yohana 1- 5,
Zaburi 1 na 5
(igice kimwe ku munsi)

Fata mu mutwe (Yosuwa 1:8)

" **Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugirango ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Niho uzahirwa mu nzira zawe ukabashishwa byose."**

Umugereka wa 4
Ukubiyemo incamake y'uburyo wakora umwiherero wawe.

Uwo mugereka ushobora kuwushyira muri Bibiliya yawe, Ukajya ugufasha kunguka byinshi mu mwiherero wawe n'Imana wa buri munsi.

IBIGOMBA KUBA BIKUBIYE MU GIHE CY'UMWIHERERO

Tegura umutima wawe:

Ese ni iyihe myifatire wazana imbere y'Imana?
Zaburi 139:23-24 _____
Zaburi 119:18 _____
Zaburi 5:3 _____
Abaheburayo 4:16 _____

Kwiga Ijambo ry'Imana

Muri Yohana 5:39 tubona ko abayobozi ba kiyuda bagombaga Gushakashaka mu byanditswe. Ab'Ibeloya bo mu Byakozwen'intumwa 17:11 bagenzuye ibyanditswe ubwo babihabwaga, kandi umwanditsi wa Zaburi aravuga ati " Kuko ndondora amategeko wigishije… nzita ku byo wahamije" (zaburi 119; 94; 95). Ibyo bivuga ko tutagomba gusoma gusa ahubwo tugomba kwiga ibice by'ibyanditswe kugirango tuvumbure icyo bisobanura ndetse tumenye icyo Imana ishaka kutubwira.

Mu gutangira, wige imirongo migufi (nturenze igice kimwe cya Bibiliya) Hari ubwo birushaho kuba byiza gusoma igice kimwe Ugisubiramo aho gusoma ibice byinshi. Muri ubwo buryo niho Ushobora kubyumva neza.

UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA

Igice: _____

Ni iki cyakoze ku mutima wawe muri iki gice? _____
_____
_____

Igitekerezo cy'ingenzi muri iki gice ni ikihe? _____
_____
_____

Birashaka kuvuga iki ku bugingo bwawe ? _____
_____
_____

Ibibazo by'ingenzi bikurikira byagufasha gusobanukirwa byinshi muri icyo gice :

Ese harimo itegeko ngomba kumvira ?
Ese harimo urugero ngomba gukurikiza?
Ese harimo icyaha ngomba kwirinda?
Ese harimo isezerano nsezeranywa?

Ushake ikaye yo gukoresha mu myiherero yawe . ukoreshe Ubwo buryo bwo haruguru mu gusoma Bibiliya yawe, wandike n'ibitekerezo byawe muri iyo kaye.

INAMA ZIFATIKA

1. Fata umwanya uhagije w'imyiherero yawe. Utihuta.
2. Umwanya wa gahunda yawe n'Imana uwuhe agaciro. Gerageza kudasiba muri iyo gahunda, mu gihe usibye umunsi, ntucike intege; ariko umunsi ukurikikra ntusibe.
3. Gerageza gusoma igice ku munsi. Hari ubwo biba byiza gusoma bike kugira ngo ubone uko ubyiga neza. Hari n'ubwo uzakenera gusoma byinshi.
4. Shyira ibimenyetso muri Bibiliya yawe, uce imirongo munsi y'ibyanditswe kugirango uze kubibona byoroshye.
5. Gerageza guhindura imirongo y'ingenzi mu magambo yawe kugirango uyumve neza.
6. Bibaye bigoye kubona ahatuje, gerageza gusoma cyangwa gusenga mu ijwi rihanitse cyangwa usenge uhagaze. Ntabwo ari byiza mu myiherero yawe kuryama ku buriri, ushobora gusinzira. Saba Imana igushoboze gutekereza kuri uwo mwiherero wawe.
7. Fata ikaye wandikemo ibyo ukuye mu kwiga Bibiliya kwawe, mu gusengera ibyifuzo byawe, n'ibindi.

Senga

Senga, ukurikije igice wize muri Bibiliya. usubize Imana uyibwira Uko utekereza kuri ibyo umaze gusoma. Hakubiyemo:

- ✓ Kwihana, ibyo usanze bidakwiriye mu buzima bwawe.
- ✓ Uramye Imana kubwo uko Iri.(Zaburi zishobora kugufasha birushijeho mu kuramya kwawe.)
- ✓ Usingize Imana kubw'ibyo ikora
- ✓ Ushimire Imana kubw'ibyo yaguhaye
- ✓ Sengera ibyifuzo byawe uko bikurikirana ukurikije uko wabishyize ku rutonde.

Ririmbira Uwiteka

Kuririmba bigufasha kwinjira mu mwuka wo kuramya. Uririmbe indirimbo kenshi, umunsi wose, atari mu gihe cy'umwiherero gusa n'ikindi gihe cyose.Abefeso 5:19. Ushobora no kuririmba uvugiriza ,niba ubihisemo.

Shyira mu bikorwa ibyo wize

Yakobo 1:22 Hatugira inama yo kuba "abakora iby'ijambo aho Kuba abaryumva gusa" gusoma Bibiliya, ibyo usoma utabikurikiza mu mibereho yawe, bisa no kwirebera mu ndorerwamo tukigendera tutihanaguye imyanda ya ndorerwamo yatweretse. Ntacyo bimaze gusoma Bibiliya tutiteguye gukurikiza Icyo itwigisha.

<u>Ikitonderwa:</u> Ibi ntibivuga ko tugomba guhagarika gusoma Bibiliya mu gihe twumva tutabishaka. Ahubwo niba turi muri ibyo bihe niho tugomba kurushaho kuyisoma, dusaba Imana ko yahindura imitima yacu. Ntukajye wemera ko abanzi bo mu mwuka bakubuza akamenyero ko gusoma Bibiliya!(Reba intambwe ya 5).

TEKEREZA KU BYO USOMYE KANDI UBIFATE MU MUTWE

Andika mu ikaye yawe umurongo usomye muri Bibiliya, uwutekerezeho muri uwo munsi wose. Gerageza kuwufata mu mutwe. muri ubwo buryo Imana iraza kugufasha kunesha icyaha.

TWIYIBUTSE: GAHUNDA YOROHEJE Y'UMWANYA WAWE W'UMWIHERERO

1. Tegura umutima wawe
- ✓ Isuzume
- ✓ Ihane icyaha cyawe
- ✓ Saba gusobanukirwa

2. Iga Bibiliya
- ✓ Ni iki cyagukoze ku mutima cyane ?
- ✓ Igitekerezo cy'ingenzi ni ikihe ?
- ✓ Birashaka kukubwira iki ?

3. Senga Imana
- ✓ Vugana n'Imana kubyo umaze gusoma.
- ✓ Ramya Imana kubwo uko iri.
- ✓ Shimira Imana kubw'ibyo yakoze.
- ✓ Saba Imana , ukoresheje urutonde rw'ibyifuzo byawe.

4. Ririmbira Uwiteka
Ririmba ibihimbano by'Umwuka n'indirimbo. Umuziki ugufasha kwinjira mu Mwuka wo guhimbaza Imana.

5. Shyira mu bikorwa ibyo wize
Ni iki uri bukore uyu munsi kugirango ushyire mu bikorwa ibyo wize mu buzima bwawe.

6. Bitekerezeho kandi Ubifate mu mutwe
ukurikije ibyo usomye, hitamo umurongo uri butekerezeho kandi ukawufata mu mutwe. Uwandike mu ikaye yawe cyangwa ku gapapuro gafite 3 x 5 ushobora kujyana ahantu hose muri uwo munsi.



Intambwe ya 9
Itorero Ryanjye

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya(O)

____ Itorero ni inyubako gusa.
____ Itorero ni ihuriro ry'Abizera.
____ Sinkeneye Itorero, mu gihe nsomera Bibiliya yanjye mu rugo, kandi nkumvira gahunda z'Abakristo kuri radiyo na televiziyo

ITORERO NI IKI?

Umwami Yesu yaravuze muri Matayo16:18:"… Nzubaka itorero ryanjye…" Kristo yavugiye mu nzagihe (Nzubaka) avuga ko itorero rizaba irye (Itorero ryanjye). Iryo torero Kristo yari agiye kuzubaka , uyu munsi rirahari kandi rikomeje gukura. Niryo rigaragaza kubaho kwa Kristo muri iyi si ya none.

Mu bundi buryo, Itorero riri ku isi yose, ariko kandi rikagaragarira mu duce dutandukanye.(Matayo 16:18, Ibyakozwen'intumwa 13:1)

Itorero ryo ku isi yose

Itorero ryo ku isi niryo mubiri w'umwimerere wa Kristo ugizwe n'Abizera bose bavutse ubwa kabiri uhereye ku munsi wa Pantekote ukazajyeza ku munsi wo kuzamurwa kw'Itorero.

1. Itorero rigereranywa n'iki? 1Abakorinto 12:27 _____
   _____
2. Ni bande bagize umubiri (Itorero)? Itorero rigizwe n'abizera Yesu Kristo bose, bagahindurwa n'Umwuka w'Imana. (1Abakorinto 12:13)
3. Ni iki Imana yahaye abagize iryo Torero? Abaroma 12:4-8
   _____
4. Ni nde mutwe w'Itorero? Abefeso 4:15 _____
5. Dukurikije Abefeso 1:12, Ni iyihe mpamvu Itorero ririho ?
   _____
6. Inshingano y'Itorero ni iyihe? Matayo 28:18-20 _____
   _____

ITORERO RY'AHANTU

Itorero ry'ahantu ni itsinda ry'abantu bavutse ubwa kabiri, bakabatizwa kandi bakibumbira hamwe bagamije guhesha Imana icyubahiro, gufashanya hamwe no kwamamaza ubutumwa bwiza.

Iki cyumweru

Kugirango umubano wawe na bene so bo mu Itorero ryawe ukomere, tangira iki cyumweru gutumira umwe muri bo i wawe musangire.

Tekereza kuri ibi

Imana yahaye buri Mwizera wese impano y'Umwuka. Abaroma 12,
Abefeso 4:11 hamwe na 1Abakorinto12 , hose havuga ku mpano.
Urugero, zimwe mu mpano zivugwamo ni:

-Gukorerana - kuyobora
-Guhugura - Kwigisha
-Kwizera - Gutanga
-Ubwenge -Ivugabutumwa
-Kugira impuhwe - ubushumba

Ese waba uzi impano zawe izo ari zo?niba igisubizo ari Oya ushobora kuzimenya usenga, ukora mu itorero, Saba bene so muri Kristo bakubwire ubushobozi bajya bakubonamo.

TEKEREZA KURI IBI

Kora urutonde rw'inzitwazo abizera bitwaza kugirango batajya mu nsengero (guteranira hamwe)

_____
_____
_____
_____
_____

Ni iyihe mpamvu ituma batajyayo? Abaheburayo 10 :25

_____
_____
_____

MURI IKICYUMWERU

Kora urutonde rw'abayobozi bo mu itorero ryawe hanyuma buri munsi usengere umwe muri bo

KUGWIZA IMBARAGA

Soma Abaroma 1-4
(soma buri gice mu minsi 2 kugirango usobanukirwe neza.)

Fata mu mutwe
Abaheburayo10 :24-25

« Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugirango duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza. Twe kwirengagiza guteranira hamwe nkuko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ariko murushaho kugenza mutyo. »

7. Soma Abaheburayo 10:24-25. Ese Bibiliya yigisha ko uwizeye Yesu Kristo agomba kuba mu itorero?

   ☐ Yego ☐Oya Kuki?_____
   _____

   Ese " twaterana ishyaka dute mu bikorwa by'urukundo n'imirimo myiza"?

8. Ese ibindi bintu abizera bo mu itorero ry' i Yerusalemu bakoreye hamwe ni ibihe? Ibyakozwen'intumwa 2:42 _____
   _____

9. Niba uri mu bagize itorero ugomba kurifasha. Ni mu buhe buryo wafasha itorero ryawe?

   Abagalatiya 6:1-2 _____
   Abagalatiya 6:10 _____
   1Petero 4:10 _____
   2Abakorinto 9:7 _____

Muri 1Timoteyo 3:1-7 na Tito 1:5-9, Bibiliya ishyiraho ibyangombwa abayobozi b'itorero bagomba kuzuza. Soma ibyo bice. Nubwo waba nta mugambi ufite wo kuzakorera Imana nk'umuyobozi, ariko buri Mukristo agomba kwifuza kugira iyo miterere ivugwa muri iyo mirongo.

10. Kubera ko abayobozi bashyizwe mu itorero n'Imana, twagombye kubitwaraho dute?
    1Abatesalonike 5:12-13_____
    Abaheburayo 13:17 _____

11. Dukurikije Abagalatiya 6:1-2 ni izihe nshingano itorero rifite ku bayoboke baryo?

12. Ni iyihe myitwarire tugomba kugira mu gihe duhana Mwene Data wayobye? Umurongo wa 1,2.
    _____
    _____

Kubera ko itorero ari umuryango, rifite inshingano zo kwita ku mibereho y'abarigize. Hari igihe biba ngombwa ko habaho ibihano kugirango ubuhamya bwiza budapfa, ndetse harindwe n'ubusugire bw'itorero. Ni igikorwa cy'urukundo kandi kigaragaza kwita ku bantu bagize itorero. Imyifatire myiza ni kimwe mu bintu Imana ikoresha kugirango "duterane ishyaka ryo gukundana n'imirimo myiza".

Intambwe ya 10
Kwamamaza Kristo!

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya (O)

___ Ni iby'ingenzi kugeza ubutumwa bwiza ku bandi, kuko benshi muri bo ni abari mu nzira yo kurimbuka.

___ Nshobora kugeza ubutumwa ku muryango wanjye n'inshuti zanjye bitangoye.

___ Kugirango nshobore gusangira kwizera kwanjye n'abandi, ngomba gutegereza guhabwa amahugurwa mu gutanga ubuhamya.

Amwe mu mahirwe Umwizera afite ni ukwatura guhamya kwizera afite muri Kristo. Kwamamaza cyangwa kuvuga ubutumwa bisobanura gusangira umugambi w'agakiza n'undi muntu.kugirango nawe ashobore kuyoboka Kristo.

UBUKENE BW'UBUTUMWA BWIZA

Nkuko twabibonye mu isomo rya mbere abantu baguye mu mutego w'ibyaha. "Ntawukiranuka numwe …… Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana." (Abaroma 3 :10,23)

1. Matayo 7 :13-14 havuga ku marembo abiri agaragara ahantu habiri hatandukanye abantu baganisha ubuzima bwabo.
   Dukurikije iyi mirongo, abantu benshi baragana he ?
   _____

2. Yohana 3 :18 hatubwira iki kuri ba bandi banze kwizera Kristo ?
   _____

3. Uwizera atandukanye nabo kuko ari _____
   _____ (2Abakorinto5:17).

UBUTUMWA BUDASANZWE TWAHAWE

4. Imana yadutoreye kuyibera intumwa. Ni ubuhe butumwa twahawe nk'intumwa zayo, dukurikije 2Abakorinto 5:20?
   _____
   _____

5. Soma Matayo 5:14-16. Kubera ko turi intumwa, Kristo adusaba _____Umurongo wa 4)

6. Kuvuga ngo turi " Umucyo w'isi" wowe urumva bivuga iki?
   _____
   _____

7. Mu buryo bunyuranye n'ibyo, "Gutwikiriza itara intonga" bivuga iki? (Umurongo wa 15) _____
   _____

Bitekerezeho

Ese bigutera isoni kuvugana n'abandi kuri Kristo? Niba ariko biri, soma Abaroma 1:16.

Ni kuki Pawulo atakozwaga isoni no kuvuga ubutumwa bwiza?

_____
_____
_____

IKI CYUMWERU

Ni bande Wiyumvisemo inshingano yo kubagezaho ubutumwa bwiza? Andika amazina yabo hano hepfo:

Abo mu muryango:

_____
_____
_____

Inshuti n'abo mushyikirana

_____
_____
_____

Ubasengere buri gihe kandi uvugane nabo ibya Kristo.

GUFATA MU MUTWE

Ese waba ufite ubwoba bwo kutamenya ibyo ugomba kubwira abo ushaka guha ubuhamya? Ibyo birasanzwe.
Kugirango ushire amanga:

1. Iga " Umugambi w'agakiza ku mugereka wa 6.
2. Iga uwo mugambi uwufate mu mutwe, hamwe n'ibyanditswe Byera biwugize.
3. Ca urupapuro rwanditseho uwo mugambi w'agakiza uwugendane muri Bibiliya yawe.

IKI CYUMWERU.

Uzatangira ryari gutanga ubuhamya?

Muri iki cyumweru uvugane n'umwe ku bari ku rutonde rwawe ibyerekeranye n'umugambi w'agakiza.ntutegereze ko igihe gikomeza gushira! Uramutse utarabifata mu mutwe ube ukoresha Yohana 3:16.

Mu gihe ushaka kumenya gukoresha neza uburyo bwo gutanga ubuhamya bwawe koresha umugereka wa 6. Uzaguha inama zifatika zo gukoresha uvuga ibyo Kristo yakoze mu buzima bwawe.

KUGWIZA IMBARAGA
Soma Abaroma 5-8
(Soma igice mu minsi 2 kugirango ubisobanukirwe neza)

Fata mu mutwe

Iga umugambi w'agakiza uri ku mugereka wa 6

8. Umucyo wawe umurika bingana iki? Usobanukiwe ko uri umucyo w'isi, garagaza amagambo avuga uko umeze mu mibereho yawe bwite.

   ☐ Nkunda kuvuga kuri Kristo kuko yampinduye.

   ☐ Hari ibihe murika, ariko hari n'ibindi bihe umucyo wanjye uba utwikiriye

   ☐ Sinzi uko natanga ubuhamya ku byerekeye Kristo.

   ☐ Nkorwa n'isoni mvuga ibya Yesu.

   ☐ Kugeza ubu umucyo wanjye uramurika gake cyane.

9. Matayo 28:19-20 Hari ibyo twita inshingano ikomeye. Muri iyi nshingano ni iki Kristo adutegeka gukora?

   _____

   _____

UBURYO BWO GUTANGA UBUHAMYA

1. Emera Kristo ahindure ubugingo bwawe. Ibuka ko amagambo yawe atazagira agaciro, nadaherekezwa n'ingeso zawe nziza. Matayo 5:16
2. Koresha Bibiliya. Niryo Jambo ry'Imana. Ni intwaro ifite imbaraga zikuraho ibitekerezo bibi mu mutwe w'umunyabyaha. Abaheburyo 4:12.
3. Ishingikirize ku Umwuka Wera agufashe mu guhamya. Ni we wemeza ab'isi ibyaha akanabategurira kumva mu gihe ubagezaho umugambi w'agakiza k'Imana (Yohana 16:8). Ntabwo wahatira umuntu kumva. Imana niyo izakora mu mitima yabo.
4. Sengera inshuti zawe igihe cyose batarakira Kristo. Shaka umwanya wo kubagezaho ubutumwa.
5. Ujye urebana umunyabyaha amaso y'imbabazi, uzirikana ko ubuzima bwe bukiboshywe n'ibyaha. Utizera ntabwo ari umwanzi wawe ahubwo n'imbohe ya Satani.
6. Tanga ubuhamya ufite umutima uciye bugufi (1Petero 3:15). Uzirikane ko iyo ataba ari ubuntu nawe wari kuba ukiri mu mibereho nk'iyo barimo.
7. Gira imvugo nziza. Bitume utizera yumva ko ukeneye by'ukuri kumufasha. Ntumucireho iteka.
8. Ba Usanzwe. Abantu ushobora kwegera neza bitakugoye ni umuryango wawe n'inshuti. Ntukajye ugira ubwoba bwo kubagezaho ubutumwa. Koresha ayo mahirwe ufite.
9. Shaka udupapuro n'utunyamakuru twagenewe kwamamaza ubutumwa utangire udutange. Baza umuyobozi wawe cyangwa Pasitori wawe aho wadukura.
10. Gira ubutwari . Nubwo bose batakwemera ubutumwa bwawe, ibuka ko uri intumwa itwaye ubutumwa bwiza buzana ubugingo buhoraho(Abaroma 1:16). Hejuru y'ibyo abantu benshi baba biteguye kwakira ubutumwa kuruta uko tubitekereza.

Intambwe ya 11
Umubatizo n'Ifunguro Ryera

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya (O)

_____ Ngomba kubatizwa kugirango nzajye mu ijuru.
_____ Umubatizo n'Ifunguro Ryera bituma ndushaho kwezwa
_____ Ibigize Ifunguro Ryera bishushanya amaraso n'umubiri wa Kristo.

UMUBATIZO

1. Mbere yuko Yesu azamuka mu ijuru kwa Data wa twese, yategetse abayoboke be guhindura amahanga yose abigishwa.
   Dukurikije Matayo 28:19-20, iyo umuntu ahinduwe akaba umwigishwa wa Kristo ni iyihe ntambwe ya mbere agomba gutera?
   _____

   Umubatizo ntabvwo ari ikintu wakwirengagiza ahubwo ni itegeko rigomba kumvirwa na buri mwizera.

2. Umubatizo ntabwo ari icyangombwa kugirango umuntu akizwe, ahubwo ni ikintu gikorwa n'uwamaze gukizwa. Reka turebe ibyabaye ku nkone yo muri Etiyopiya mu Byakozwen'intumwa 8:26-40. Soma ibyo byanditswe. Dukurikije umurongo 36-37, igikenewe ni iki kugirango umuntu abatizwe?
   _____

   Nyuma yo kwizera Kristo, Inkone yahise ikenera gutanga ubuhamya bw'uko yabonye kwizera. Yabikoze ate? _____

3. Dukurikije Ibyak. 2:41, bamaze kwakira ijambo (Ubutumwa bwiza) bahise _____kandi abantu ibihumbi bitatu

   _____ ku mubare wabo.

   Kubatizwa kwabo bantu ibihumbi bitatu kwagaragaje ubwifatanye bwabo n'itorero ry' i Yerualemu. Ni muri ubwo buryo, **natwe twifatanya n'itorero ryacu twakiriwemo mu gihe tubatijwe.**

Hari abafite kwibeshya mu bitekerezo byabo ku byerekeye umubatizo. Kubw'ibyo, ni iby'ingenzi kumenya ko:

1. Umubatizo atari wo udukiza.
2. Nta nubwo ari intambwe itugeza ku gakiza.
3. Umubatizo ntabwo uduhindura abera, ahubwo udutera ishyaka ryo kugira imibereho yo kwezwa.

GUCUKUMBURA

Soma Abaroma 6:1-4. ku ikubitiro iki gice kigaragara nkaho kivuga ku mubatizo wo mu mazi. Ariko hano iryo jambo "Umubatizo" ryakoreshejwe mu kuvuga kwifatanya na Kristo kwacu.

Iyo twakiriye Kristo tuba twifatanije nawe mu rupfu rwe, mu guhambwa no kuzuka kwe. Kubw'ibyo muri Kristo duhinduka abantu bashya.

Umubatizo wo mu mazi ushushanya imihindukire ibaho mu gihe tubonye agakiza.

Iyo tumanutse munsi y'amazi bigaragaza kwifatanya na Kristo kwacu mu rupfu rwe no mu guhambwa kandi tuba "dupfuye" ku buzima bwacu bwa kera.
Kuzamuka tuva mu mazi bishushanya kuzuka kwacu twinjira mu buzima bushya.

IYEMEZE

Niba waramaze Kwakira Yesu Waba waramwumviye Urabatizwa?
Yego ☐ Oya ☐

Niba utarabatizwa , bivugane na Pasitori cyangwa umuyobozi mu itorero rvawe uvu munsi.

GUTEKEREZA

Bamwe bafite ibitekerezo bitari byo ku Ifunguro ryera. Bityo ni ngombwa kumenya ko:

1. Ifunguro Ryera Atari isakaramentu cyangwa ikintu cy'amayobera

2. Ntabwo rituma dukiranuka cyane ahubwo ridutera umwete wo kuba mu butungane.

3. Umutobe(Divayi) ntabwo uhinduka amaraso ya Kristo cyangwa umukati ngo uhinduke umubiri wa Kristo ahubwo bishushanya amaraso n'umubiri bya Kristo.

KUZIRIKANA

Dukurikije Abaheburayo 10:10-12
Ni kangahe Kristo yatanze Umubiri nk'igitambo cy'ibyaha?

" _____iteka"

KUGWIZA IMBARAGA

Soma Yakobo 1-5;
Zaburi 19 na Zaburi 27
(Igice kimwe ku munsi)

Fata mu mutwe Matayo 28:19

" Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa , mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera."

IFUNGURO RYERA

Ifunguro Ryera ryashyizweho n'Umwami Yesu Kristo mu ijoro bamugambaniyemo. Ni ikintu cyejejwe kandi kidasanzwe ariko ntabwo ari isakaramentu cyangwa ikintu cy'amayobera.

4. Soma 1Abakorinto 11:23-26. Dukurikije umurongo wa 26,

   Ni iki twamamaza ?_____
   Kugeza ryari? _____

   Iki gice kiratwigisha ubusobanuro bw'Ifunguro Ryera. Kitwibutsa kwitanga kwa Kristo ku musaraba ku bwacu Kandi kitwibutsa kugaruka kwe.

5. Bisobanura iki Gukora gutya " Munyibuka" ? _____
   _____

6. Dukurikije umurongo wa 24 n'uwa 25, umutsima n'igikombe bishushanya iki?

   Umutsima _____
   Igikombe _____

7. Soma 1Abakorinto 11:27-31. Umurongo wa 28 uvuga ko mbere yo kujya ku ifunguro ryera, buri wese agomba kwisuzuma . kuri wowe iki gikorwa gisobanura iki?
   _____
   _____

8 .1Abakorinto 10:16-17 hagaragaza indi shusho y'ameza y'Umwami ariyo Funguro Ryera , gusangira, ubumwe . Ubumwe n'abandi bizera bivuga iki?
   _____
   _____

MURI MAKE

1. Ifunguro Ryera ni urwibutso rw'igitambo cya Kristo . kugeza aho azazira.
2. Ni igikorwa cyo kumvira ndetse n'umwanya wo gusabana na Kristo n'abavandimwe bacu mu kwizera.

Intambwe ya 12
Umuryango

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya(O)

_____ Inshingano z'umugabo z'ibanze ni ugukunda umugore we.
_____ Imyifatire y'umugore ishobora kuzana umugabo we kuri Kristo.
_____ Nubwo umuntu yaba afite ababyeyi batizera agomba kububaha igihe cyose.

UMURYANGO WA GIKRISTO

Urugo rwa Gikristo ni ihuriro ryo gufashanya, kurindana no Gukomezanya. Mu rugo, niho haboneka ibikenewe by'umubiri abana bakigishwa uko bakwifata mu bibazo bahura nabyo mu buzima. Ariko iyo Kristo atariwe uyoboye urugo ngo ababere ubuhungiro, urugo ruhinduka urw'intambara n'imivurungano.

UMUGAMBI W'IMANA KU MURYANGO MU GITABO CY'ITANGIRIRO

" Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye…" Itangiriro 2:18

- ✓ Imana yaremye Eva, aba umugore wa Adamu. Igitekerezo cyo kurema urugo cyavuye ku Mana ubwayo.
- ✓ Umugore bivuga umufasha ukwiriye, ubereye umugabo. Umugabo n'umugore bombi baruzuzanya . Iyo bashyize hamwe ni byiza cyane biruta igihe umwe aba ari ukwe.

" Nicyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata bombi bakaba umubiri umwe. Kandi uwo mugabo n'umugore we bombi bari bambaye ubusa, ntibakorwe n'isoni." Itangiriro 2:24-25.

- ✓ Abashakanye bakeneye ubwigenge bwabo, aho kuyoborwa n'ababyeyi babo kugirango bashobore kubaka umuryango wabo wihariye. Ubu nibwo buryo bwonyine buzabigisha kumva ko buri wese akeneye undi.
- ✓ " umubiri umwe" bivuga kubana mu bumwe, aho kuba mu irushanwa, kubana nk'inshuti nziza zungurana ibitekerezo.
- ✓ Kuryamana kw'abashyingiranywe ntibibakoza isoni, ahubwo ni impano y'Imana kuri bo kugirango babone ibyiza. Abana bazavuka ni umugisha uva ku Mana.

INSHINGANO ZAWE MU RUGO

1. Ni ayahe mategeko Imana iha abagabo muri iyi mirongo ikurikira?
   Abefeso 5:25_____
   Abakolosayi 3:19_____
   1Petero 3:7 _____

Mugabo,urizera ko wuzuza izi nshingano? Niba utazuzuza ni ibihe ukwiye guhindura? Ni uruhe rukundo Kristo yari afitiye itorero rye? Urwo rukundo ni ikitegererezo ukwiye gukurikiza mu mibanire n'umugore wawe.

KUBIGANIRAHO

Bibiliya ivuga uko umugore agandukira umugabo we Mbese utekereza ko ibi biha umugabo uburenganzira bwo kumukandamiza? Kubera iki atari byo?

Bitekerezeho

Hari ibintu byinshi bishobora gusenya ubumwe bw'urugo Andika bimwe muri byo:

_____
_____
_____

Iki cyumweru

Kimwe mu bisenya ubumwe bw'umuryango ni ukudaha agaciro umwanya wo kuba hamwe. Nubwo tubakunda, hari igihe urwo rukundo batarubona.

Ni iki ugiye gukora uyu munsi kugirango ugaragarize urukundo umugabo wawe cyangwa umugore wawe(cyangwa undi wo mu muryango?

_____
_____

iki cyumweru ni ikihe gikorwa ugiye gukorera abana bawe(abagize umuryango) ngo bumve urukundo ubafitiye.

_____
_____

GUCUKUMBURA

Urukundo ni umutima w'urugo rwa Gikristo.1Abakorinto 13:4-7 Pawulo asobanura urukundo rw'ukuri. Andika ku rupapuro ibintu biranga urukundo nkuko bivugwa muri iki gice; cyangwa uce umurongo kuri ayo magambo muri Bibiliya yawe.

KUGWIZA IMBARAGA

Soma Abafilipi 1-4
Zaburi 37,51 na 139
(Igice kimwe ku munsi)

Fata mu mutwe Abafilipi 2:3-4

" Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta.
Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa ahubwo azirikane n'abandi."

2. Ni ayahe mategeko Imana yahaye abagore?
   Abefeso 5:33 _____
   1Petero 3:1-2 _____

3. Ni iki Imana isaba ababyeyi mu Befeso 6:4?
   (ni iki batagomba gukora) _____

   nk'urugero ni iki ababyeyi bakora cyatuma abana bagira ubwoba cyangwa cyabatera uburakari?_____
   _____

   (Ni iki bakwiye gukora)_____
   _____

4. Dukurikije amagambo yo mu Gutegeka kwa kabiri 6:6-7, Ni mu bihe bihe kandi ni hehe ugomba kwigisha abana bawe?
   _____
   _____

   Usangire n'u muryango ibyo wize mu gihe cy'umwiherero. Musome Bibiliya kandi musengere hamwe, musengere buri wese ku byo akeneye.

5. Ni iki Imana itegeka abana gukora mu Befeso 6:1-2?_____
   _____

6. Hari amabwiriza make ashimangira ubufatanye mu rugo, Akaba akoreshwa ku mugabo,umugore n'abana. Ni ayahe?
   Abefeso 5:21_____
   Abafilipi 2:3-4_____

IBIHE BIDASANZWE

Iyo umuryango wawe atari uwa Gikristo

1. Bakunde. Ni ngombwa kutareba ku batizera bo mu muryango wawe. Bakora ibyaha kuko bataramenya Kristo.Nawe niko wabagaho kera. Ibuka ko " Kristo Yadupfiriye tukiri abanyabyaha" (Abaroma5:8). Ubereke urukundo k'uburyo bugaragara.

2. Ubazane kuri kristo ukoresheje ubuhamya bwawe bwiza.
   " …Bagore mugandukire abagabo banyu, kugirango nubwo abagabo bamwe batumvira ijambo ry'Imana bareshywe n'ingeso nziza z'abagore babo, nubwo baba ari nta jambo bavuze babonye ingeso zanyu zitunganye zifatanije no kubaha." 1Petero3:1-2

   Nubwo ayo magambo abwirwa abagore ariko ashobora no kubwirwa Umukristo wese ufite abo mu muryango batari bakizwa. Ubuhamya utanga ni ingirakamaro mu kwihana k'umuryango wawe. Aho ku banegura cyangwa ngo ukoreshe imbaraga, ubagaragarize kwizera mu bikorwa byawe.

Iyo mubana ariko mutarashyingiwe

Nubwo ari rusange mu miryango yacu kubona abantu babana batarashyingiwe, Bibiliya yo ibyita ubusambanyi. Mbese wowe na mugenzi wawe mwashyingiwe ku buryo bwemewe n' amategeko? Niba ataribyo, mugomba kubikosora ku buryo bwihuse. Mushake Pastori cyangwa umuyobozi w'itorero ryanyu abagire inama.

Iyo uri ingaragu

Icyo ingaragu isabwa ni ukugumana ubusugi, yirinda gusambana mu gihe atarashyingirwa. irinde kubw'umugabo cyangwa umugore wawe uzabona. Imana iragushakira ibyiza.

Niba utarashoboye kwirinda , ihane icyaha cyawe kandi usabe Imana kugufasha kubaho mu butungane. Ushobora gushaka umukristo mukuru cyangwa pastoro wawe akabigufashamo



Intabwe ya 13
Gukurikira Yesu

Subiza Yego(Y) cyangwa Oya(O)

_____ Umukristo afite byinshi byo gukora bijyana n'imikurire ye mu Mwuka.
_____ Guterana n'umubiri wa Kristo ntabwo ari ngombwa.
_____ Birashoboka gukomeza kunezerwa mu busabane n'Imana

IMYIFATIRE Y'IBANZE KUGIRANGO UYOBORE UBUGINGO BWAWE NEZA.

Mu masomo abanza, wabonye intambwe zifatika zigufasha kugendana na Kristo.

Garagaza imyifatire y'ibanze y'ubuzima bw' Umukristo ijyana na buri shusho muri aya:

_____

_____

_____

_____

_____

_____

Iyi myifatire ni iy'ibanze mu mikurire yawe. Ntukayirengagize na rimwe.

Ni ngombwa kuyobora ubugingo bwawe, ushakisha buri gihe igikwiye cy'ukuri. Ibi nibyo byitwa « Gushyiraho iby'ibanze ». Muri Yohana 17 :1-26, Yesu yavuze ibintu bitatu bigaragaza ubuzima bw'Umukristo :

- ✓ Kwiyegurira Kristo
- ✓ Kwitangira Abizera
- ✓ Kwitangira umurimo w'Imana

1. Ni uwuhe mubano Kristo ashaka ko mugirana ?

   Yohana 17 :3 _____ Yohana 17 :13_____

2. Yohana 17 :11 hatwereka umubano Yesu ashaka ko Abakristo bagira hagati yabo.
   "Ubarindire mu izina ryawe … ngo _____, nkuko natwe turi umwe."

3. Yohana 17:23 " No babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko _____, kandi _____nkuko wankunze.
   Urukundo n'ubumwe ku bakristo ni ubuhamya bukomeye, bushimangira ubutumwa bwacu. Yohana 13:34-35

SUZUMA

Mbese ukoresha gahunda yo kuvugana n'Imana igaragara mu isomo rya 8?

Yego ☐ Oya ☐

Ni ikihe gihe wihaye cyo guhura na Kristo buri munsi?

_____
_____
_____
_____

Ni gute ugiye kwereka ab'isi ko Kristo ari muri wowe?

_____
_____
_____
_____

GUCUKUMBURA

Soma Yohana 15:16. Icyo Yesu ashaka nuko abamwizera bose bagomba kwera imbuto nyishi kandi zihoraho. Hari ubwoko bubiri bw'imbuto.

Izo mbuto ni izihe dukurikije Abagalatiya 5:22-23 na Matayo 28:18-20?

_____
_____
_____

KUGWIZA IMBARAGA

Soma 1Abatesalonike 1-5 na 2 Abatesalonike 1-3 (Igice kimwe ku munsi)

Fata mu mutwe Imigani 3:5-6

" Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose nawe azajya akuyobora inzira unyuramo."

KUGENDERA MU KWIZERA

4. Pawulo aravuga ati " Tubeshwaho no kwizera ntabwo ari ibyo tureba." (2Abakorinto 5:7)
   Abaheburayo 11:1 hasobanura hate Kwizera? _____
   _____

5. Abaheburayo 11:6 haravuga hati " Utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiye kwizera yuko ____ _____ kandi _____abayishaka."

6. Tekereza akanya gato icyo " Kugendera mu kwizera" bisobanura, maze wibaze no kucyo kwizera bivuga mu kazu gakurikira:

> Kwizera ntabwo ari ibyiringiro bitagaragara ahubwo ni ukuri Imana yizera iyo ijyiye gukora ibyo yasezeranije byose. Kugira kwizera Imana bisaba kutishingikiriza ku butunzi bwacu ahubwo tukaruhukira mu kwizera imana
>
> Kugendera mu kwizera ni ugushyira mu bikorwa buri munsi ibyo Umwami akwigisha . niyo mpamvu ari ngombwa kuguma kubungabunga umubano wawe nawe.

7. Yesu agaragaza ate isano afitanye n'abamukurikiye muri Yohana 15:4-5?_____
   _____
   Umubano wacu na Kristo ugereranywa n'igiti kinini (umuzabibu), Kristo ni igiti naho twe turi amashami.

8. Kubera iki ari iby'igiciro kugumana iri sano na Kristo?___
   _____

9. " Mugume muri jye" (umurongo wa 4) Utekereza ko yashakaga kuvuga iki?_____
   _____

10. Dukurikije Yohana 15:10, ni gute waguma mu rukundo rwe?

IBYO WIYEMEJE

11. Soma amagambo ya Yesu muri Luka 9:23.
    Mbese urashaka kumukurikira? Yego ☐ Oya ☐

12. Mbese wumva ushaka kureka ibyo urarikiye kugirango Wishimire gukurikira ubushake bwa Kristo mu buzima bwawe bwa buri munsi? Yego ☐ Oya ☐

- ✓ Komeza wigane ingeso umaze kwiga.
- ✓ Shyira mu bikorwa ibyo Umwami akwereka buri munsi.
- ✓ Ubungabunge umubano wawe n'Imana.

UMUGEREKA WA 1

Kata upimiranije n'umurongo aya makarita wateguriwe noneho ufate mu mutwe iyi mirongo ya Bibiliya.

Abagalatiya 2:20 Intambwe ya 4 **" Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira."**	**Yosuwa 1:8 Intambwe ya 8** **" Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugirango ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Niho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose."**	**Imigani 3:5-6 Intambwe ya 13** **" Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose Nawe azajya akuyobora inzira unyuramo."**
1Yohana 1:9 Intambwe ya 3 **" Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo Kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa Kose."**	**Abafilipi 4:6-7 Intambw ya 7** **"Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo Ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana Mubisabiye, mubyigingiye, mushima. Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo Umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu."**	**Abafilipi 2:3-4 Intambwe ya 12** **" Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari,ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi."**
Yohana 10:27-28 Intambwe ya 2 **"Intama zanjye zumva ijwi ryanjye , nanjye ndazizi kandi zirankurikira. Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi ntawuzazivuvunura mu kuboko kwanjye."**	**2Timoteyo 3:16-17 Intambwe ya 6** **" Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugirango umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.**	**Matayo 28:19 Intambwe 10-11** **" Nuko mugende muhimdure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera."**
Abefeso 2:8-9 Intambwe ya 1 **" Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira."**	**1Abakorinto 12:13 Intambwe ya5** **"Kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo. Kandi twese twujujwe Umwuka umwe."**	**Abaheburayo 10:24-25 Intambwe ya 9** **"Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugirango duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza. Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo."**

Umugereka wa 2

Katira mu murongo ugizwe n'utudomo maze uhiniremo hagati. Ushobora ku komeka muri Bibiliya yawe.

NDI NDE MURI KIRSTO?

Ndi icyaremwe gishya (2 Abakorinto 5:17)
Ndi Umwana w'Imana. (Yoh.1:17;Rom.8:14-15;Gal.3:26; 4:6)
Naracunguwe kandi mbabarirwa ibyaha byanjye byose(Kol.1:14)
Narabohowe nta teka nzacirwaho.(Rom.8:1)
Narabohowe singitwarwa n'imbaraga z'icyaha.(Rom.6:1-6)
Mfite uburenganzira bwo kwegera intebe y'ubuntu ntatinya kugirango mbone imbabazi mu gihe gikwiriye.(Heb.4:16)
Ndi umukiranutsi muri Kristo, narababariwe rwose.(Rom.5:1)
Ndi imbata yo gukiranuka.(Rom.6:18)
Ndi Uwera.(Ef.1:1; 1kor.1:2; Fili.1:1)
Ndi umunyu w'isi.(Mat.5 :13)
Ndi umucyo w'isi, nambaye ukuri.(Mat.5 :14)
Ndi inshuti ya Kristo.(Yoh.15 :15)
Natoranijwe na Kristo kugirango nere imbuto ze.(Yoh.15:16)
Nagizwe umukozi cyangwa imbata y'Imana.(Rom.6:22; Ef.3:1; 4:1)
Ndi urusengero rutuwemo n'Umwuka Wera.(1Kor.3:16;6:19)
Naguzwe igiciro,bityo ndi Umwana w'Imana. Ntabwo nigenga. Ndiho Kubwa Kristo.(1Kor.6:19-20; 2Kor. 5:14-15)
Ndi urugingo rw'umubiri wa Kristo.(1Kor.12:27; Ef.5:30)
Niyunze n'Imana. Mfite umurimo wo kuyunga n'abandi(2Kor.5:18-19)
Nabambanywe na Kristo, si jye uriho , ni Kristo uriho muri jye.(Gal.2:10)
Natoranirijwe muri Kristo ,isi itararemwa kugirango mbe Uwera ntariho Umugayo imbere yayo.(Ef. 1:4)
Ndi umuragwa n'Imana, kuko ndi Umwana wayo.(Gal.4:6-7)
Ndi igihangano cy'Imana. Navutse ubwa kabiri muri Kristo ngo nkore umurimo we.(Ef.2:10)
Ndi uwera kandi ukiranuka.(Ef.4:24)
Ndi umuturage w'ijuru(Ef.3:20 ; 2:6)
Ndi umusuhuke n'umwimukira muri iyi si ndimo igihe gito (1Pet.2:11)
Ndi umwana w'umucyo ntabwo ndi uw'umwijima(1Tes.5:5)
Nakijijwe ubutware bwa satani maze njyanwa mu bwami bwa Kristo.(col.1:13)
Ndi umwanzi wa satani.(1Pet.5:8)
Nabyawe n'Imana . Satani ntafite ububasha bwo kunkoraho.(Yoh.5 :18)
Kristo ubwe aba muri jye(Kol.1 :27)
Natoranijwe n'Imana, ndi uwera kandi nkundwa n'Imana(Kol.3:12;1Tes1:4)
Nahawe n'Imana amasezerano akomeye kandi y'agaciro (1Pet.1:4)
Nzasa na Kristo ubwo azagaruka.(1Yoh.3:1-2)
Ubuntu bw'Imana nibwo bwatumye mba uko ndi. (1Kor.15:10)

NI GUTE NSHOBORA KWIHANA ICYAHA?

« Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo Kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira Ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose."

1Yohana 1:8-9.

Kwihana ntabwo ari ukuvuga gusa ngo "nakoze icyaha"
Kwihana by'ukuri bisaba ibintu byinshi:

- ✓ Kwiyemeza koko
- ✓ guhindukira (Ifuze kutazongera gukora icyo cyaha)
- ✓ Kurasa ku ntego(Kubwira Imana neza icyo wakoze)
- ✓ Kwihutira kumenya ikosa ryanjye. Igihe cyose menye ko nakoze icyaha ngomba kukihana naho ubundi mba ndi mu kaga ko kugwa mu bindi byaha.
- ✓ Kubohokera gusaba imbabazi abantu bose icyaha cyanjye cyakozeho.
- ✓ Kwakira imbabazi. Nitugomba gukomeza kwibonaho ibyaha twarangije kwihana Niba Imana itubabariye , tugomba kwakira imbabazi zayo, tukayiringira, tukayishimira.
  Twange ibirego bya satani atubwira ko tutababariwe.

Umugereka wa 3

Katira mu murongo ugizwe n'ututdomo maze uhiniremo hagati. Ushobora ku komeka muri Bibiliya yawe.

"BIRASHOBOKA" 20 ZO GUTSINDA

Umuntu umwe yaravuze ngo gutsinda bituruka muri "Birashoboka" naho gutsindwa bituruka muri "Ntibishoboka" Kwiringira ko ushobora gukura mu bukristo bwawe bisaba imbaraga zingana no kwizera ko udashobora gukura. None se ni iki kikubuza kwemera ko ushobora kugendera mu kwizera no mu Mwuka, ko ushobora kunesha ibigeragezo by'isi, kamere n'umwanzi, ukaba Wakura mu bukristo bwawe? "Birashoboka" 20 zo gutsinda zavuye mu Ijambo ry'Imana zizakuvana muri za "Ntibishoboka" z'ibumba, wicarane Na Kristo ahantu ho mu ijuru.

1. Ni iyihe mpamvu mvuga ko ntashoboye mu gihe Bibiliya ivuga ko nshobora gukora ibintu byose muri Kristo umpa imbaraga. (Abafilipi4:13)?

2. Kubera iki nakena kandi nzi ko Imana ishobora kumpa ibyo nkeneye, nkuko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu.(Abafilipi 4:19)?

3. Kubera iki nagira ubwoba kandi Bibiliya ivuga ko Imana itampaye umwuka w'ubwoba ahubwo yampaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda. (2Timoteyo 1:7)?

4. Kuki nabura kwizera ngo nuzuze guhamagarwa kwanjye kandi nzi ko Imana yangeneye kwizera (Abaroma 12:3)?

5. Kuki nagira intege nke kandi Bibiliya ivuga ko Uwiteka ari imbaraga z'ubugingo bwanjye kandi ko nzerekana imbaraga no kugira icyo nkora bitewe nuko nzi Imana(Zaburi 27:1 ; Daniyeli 11:32)?

6. Kuki nareka satani akigarurira ubugingo bwanjye, kandi Uri muri jye Aruta uri mu b'isi.(1Yohana4:4)?

7. Kuki nakwemera gutsindwa kandi Bibiliya ivugako Imana impa kunesha iteka.(2Abakorinto2 :14) ?

8. Kuki nabura ubwenge kandi Kristo yarampindukiye ubwenge buva ku Mana, kandi Imana itanga ubwenge itimana igihe cyose mbuyisabye (1Abakorinto 1:30 ; Yakobo 1:5)?

9. Kuki nacika intege igihe nibuka neza ko Imana ifite imbabazi, urukundo, no kwizera n'ibyiringiro.(Amaganya ya Yeremiya3:21-23)?

10. Kuki nagira agahinda n'umubabaro kandi nshobora kwikoreza amaganya yanjye yose Kristo uhora anyitaho.(1Petero 5:7)?

11. Kuki nahora mu bubata kandi nzi ko aho Umwuka w'Uwiteka uri hari umudendezo. (Abagalatiya 5:1)?

12. Kuki nakwiciraho iteka kandi Bibiliya ivuga ko nta teka nciriweho kuko ndi muri Kristo(Abaroma 8:1)?

13. Kuki nakumva ndi jyenyine kandi Yesu yaravuze ko ari kumwe nanjye igihe cyose kandi ko atazansiga habe no kuntererana (Matayo 28:20 ; Abaheburayo 13:5)?

14. Kuki nakumva ndiho umuvumo cyangwa ndi imbata y'ibibi , igihe Bibiliya ivuga ko Kristo yancunguriye kugirango nkizwe umuvumo w'amategeko mbone uko nakira Umwuka Wera(Abagalatiya 3:13-14)

15. Kuki nakwifuza kandi nshobora kwiga kunyurwa n'ibyo mfite nka Pawulo. (Abafilipi 4:11)?

16. Kuki nakumva nta gaciro mfite kandi Kristo yarahindutse icyaha mu cyimbo cyanjye kugirango muri we mpinduke gukiranuka Kw'Imana (2Abakorinto5:21)?

17. Kuki nagira kwisuzugura gukabije nzi ko nta mubisha mfite mu gihe Imana iri mu ruhande rwanjye.(Abaroma 8:31)?

18. Kuki nashidikanya mu gihe Imana ari yo itanga amahoro kandi ikaba ari yo impera ubwenge mu Mwuka wayo umbamo**.** (1Abakorinto 2:12 ; 14:33)?

19. Kuki nakumva ndi uwo gutsindwa kandi muri byose nesherezwa na Kristo(Abaroma 8 :37) ?

20. Kuki nareka imbaraga z'umubiri zintsinda kandi nsubizwamo imbaraga no kumenya ko Kristo yanesheje isi n'imivurungano.(Yohana 16:33)?

Byakuwe muri Victory Over the Darkness by Neil Anderson,pp. 115-117

Umugereka wa 4

Katira mu murongo ugizwe n'ututomo maze uhiniremo hagati. Ushobora ku komeka muri Bibiliya yawe

GAHUNDA YOROSHYE YO KWITANGA KWACU KWA BURI MUNSI

Tegura umutima wawe
- ✓ Isuzume
- ✓ Ihane icyaha cyawe
- ✓ Saba gusobanukirwa

Iga Bibiliya
- ✓ Niki kigutangaje cyane?
- ✓ Ni iyihe ngingo nkuru?
- ✓ Ni iki bisobanura ku bwawe?

Senga Uwiteka
- ✓ Vugana n'Imana kubyo wize
- ✓ Himbariza Imana uko iri
- ✓ Shimira Imana ibyo yakoze
- ✓ Saba Imana ukoresheje urutonde rw'ibyifuzo

Ririmbira Uwiteka
- ✓ Ririmba indirimbo n'ibihimbano by'Umwuka. Indirimbo igufasha kuba mu Mwuka no gushima Imana

Koresha ibyo wize
- ✓ Ni iki ugiye ukora uyu munsi kugirango ubishyire mu bikorwa mu mibereho yawe.

Bitekerezeho ndetse ufate mu mutwe.
- ✓ Toranya umurongo mu byo wasomye , maze uwutekerezeho kandi uwufate mu mutwe. Wandike mu ikaye cyangwa ku ikarita ya 3x5 ujye uyitwaza buri munsi

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA

Tangira usoma Isezerano Rishya , usoma igice kimwe ku munsi Kugeza urangije.
Banza usome ibi bitabo bikurikira:

Yohana	Abafiripi
Ibyakozwen'intumwa	Yakobo
1Yohana	1 na 2 Abatesalonike
Abaroma	Abefeso

Icyitonderwa: Nurangiza gusoma igitabo kimwe, mbere yo gutangira ikindi soma zaburi zimwe n'igice cyo mu migani.

TUNGANYA UMUTIMA WAWE

Mwami wanjye, Mana yanjye, tyariza ugutwi ijwi ryanjye ngutakira kuko ari wowe nsenga. Zaburi 5:3

Mana, ndondora umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, unshorere mu nzira y'iteka ryose. Zaburi 139:23-24

Mana undememo umutima wera,unsubizemo umutima ukomeye Zaburi 51:10

Hwejesha amaso yanjye, kugirango ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe. Zaburi 119:18

Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugirango tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. Abaheburayo 4:16

UKO TWAKWIGA BIBILIYA

Igice _____

Ni iki kiguteye amatsiko cyane muri iki gice?_____
_____
_____

Ni iyihe ngingo nkuru iri muri iki gice ?_____
_____
_____

Ni iki ivuga ku bugingo bwawe ?_____
_____
_____

Fata mu mutwe ibibazo bikurikira by'ibanze. Bishobora kugufasha gusobanukirwa neza igice :

Hariho itegeko ryo kumvira ?
Hariho urugero rwo gukurikiza ?
Hariho icyaha cyo kwirinda ?
Hariho isezerano nagira iryanjye ?

Umugereka wa 5

Katira mu murongo ugizwe n'ututudomo maze uhiniremo hagati. Ushobora ku komeka muri Bibiliya yawe

GAHUNDA YOROSHYE Y'UMWAKA YO GUSOMA BIBILIYA

Numara gusoma igice , shyira ikimenyetso" X" ku mubare w'igice uri ku rutonde . Ubu buryo buzagufasha kuguma muri gahunda yo gusoma kwawe.

IBICE

YOHANA	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21
IBYAK.	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21 22 23 24 25 26 27 28
1YOHANA	1 2 3 4 5
ABAROMA	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16
YAKOBO	1 2 3 4 5
ABAFILIPI	1 2 3 4
1 ABATES.	1 2 3 4 5
2 ABATES.	1 2 3
ZABURI	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10
ABEFESO	1 2 3 4 5 6
ABAKOL.	1 2 3 4
ZABURI	11 12 13 14 15 16 17 18 19 20
MATAYO	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21 22 23 24 25 26 27 28
ZABURI	21 22 23 24 25 26 27 28 29 30
1 ABAKOR.	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16
2ABAKOR.	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16
ZABURI	31 32 33 34 35 36 37 38 39 40
1TIMOTEYO	1 2 3 4 5 6
2 TIMOTEYO	1 2 3 4
MARIKO	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16
ZABURI	41 42 43 44 45 46 47 48 49 50
FILEMONI	1
ITANGIRIRO	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 1 16 17 18 19 20 21 22 23 24 25 26 27 28 29 30 31 32 33 34 35 36 37 38 39 40 41 42 43 44 45 46 47 48 49 50
ZABURI	51 52 53 54 55 56 57 58 59 60
1PETERO	1 2 3 4 5
2PETERO	1 2 3
IBYAHISH.	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21 22
ZABURI	61 62 63 64 65 66 67 68 69 70
LUKA	1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20 21 22 23 24

Umugereka wa 6

Katira mu murongo ugizwe n'utudomo maze uhiniremo hagati. Ushobora ku komeka muri Bibiliya yawe

UKO WATEGURA UBUHAMYA BWAWE

UKO WATEGURA UBUHAMYA BWAWE

Mbese waba warigeze utekereza uko ushobora gusangira n'ishuti zawe kwizera kwawe? Bishoboka ko bimwe mu buryo bwiza ari ugusangira inkuru zawe bwite cyangwa ubuhamya. Intamwe zikurikira ziragufasha gukurikiranya neza ibitekerezo byawe, utegura ubuhamya bwororshye ariko bwuzuye. Ubwandike ku rupapuro kugirango ubashe kubwimenyereza.. Ushobora kwiyemeza gutegura ubuhamya bugufi (iminota 3) n'ubuhamya burambuye(burebure).

Umuyobozi wo gutegura ubuhamya bwawe bwite.

1. " Mbere yo kwakira Kristo…
   Mbere yo kwakira Kristo nabagaho nte kandi natekerezaga nte? Bivuge mu magambo make , ugaragaza ibyiza n'ibibi byo mu mibereho yawe udafite Kristo. Binonosore ushyiramo ibintu byihariye nk'inzozi, ibyo wiyumvagamo, imyifatire,imico,ingeso, n'ibindi. Vugisha ukuri kandi wirinde gukabya
2. "Uko nakiriye Kristo …"
   Reba bimwe mu bikurikira bigomba kuba bikubiyemo: Ni gute wakiriye Kristo, Ni iki cyabiguteye? Ninde wagufashije kuza kuri Kristo? Ni hehe wabikoreye? Ni iki wasengeye? Wiyumvaga ute? Ni gute Imana yagukozeho?
   Shyiramo ibyanditswe by'ibanze byagufashije gusobanukirwa ubutumwa. Abantu bashobora kumva ubutumwa bitewe n'ubuhamya bwawe.
3. "Nyuma yo kwakira Kristo…"
   Ni iki cyabaye umaze kwakira Kristo? Vuga ibintu byinshi byahindutse wabonye.

IBITEKEREZO

1. Bugire ubworoshye, koresha amagambo asanzwe, Atari amagambo y'iyobokamana. Koresha magambo buri wese yumva.irinde gusobanura ibitari ngombwa(ahubwo ushyiremo iby'ingenzi bihagije byatuma babukurikirana babishaka)
2. Bugire ubusanzwe, nk'ikiganiro. Irinde kubwiriza, koresha isura ikwiriye kugirango uruhure abahari kandi ugabanye ubukana.
3. Bugire uburyoheye ababwumva. Koresha ibishimisha abantu n'ingero zigaragara. Tanga ibisobanuro bishushanije niba ari ngombwa bityo abumva bashobore kubona neza ibyo uri gusobanura.

UMUGAMBI W'AGAKIZA

Hari uburyo bwinshi bwo kuvuga ubutumwa bwiza. Dushobora gukoresha bumwe muri bwo , ariko buri gihe hari ibintu by'ifatizo umuntu akeneye kumva kugirango akizwe.Umugambi w'agakiza ukurikira ushingiye "ku mategeko ane y'Umwuka."

1. **Imana iragukunda kandi ifite umugambi ku bugingo bwawe**

   Yohana 3:16 Urukundo rw'Imana
   Yohana 10:10b Umugambi w'Imana ku bugingo bwawe

2. **Umuntu ni umunyabyaha bityo yatandukanye n'Imana**

   Abaroma 3:23 Twese turi abanyabyaha
   Abaroma 6:23 Ingaruka z'icyaha ni urupfu rwo mu mwuka, Gutandukana n'Imana.

3. **Kristo niwe wenyine waduteguriye agakiza. Yapfuye mu cyimbo cyacu kandi yarazutse.**

   Abaroma 5:8 Kristo yapfuye mu cyimbo cyacu.

   Yohana 14:6 Kristo niwe nzira weyine
   1Abakorinto 15:3-6 Kristo yarazutse.

4. **Tugomba kwakira Kristo nk'Umukiza**

   Yohana 1:12 Akira Kristo kugirango ube Umwana w'imana
   Ibyahishuwe 3:20 Kristo aragutegereje ngo umutumire i Wawe
   Abaroma 10:9 Mu kwizera tumira Kristo mu bugingo bwawe.